REB
Rwanda Education Board

# Ikinyarwanda

## Igitabo cy'umunyeshuri

## Umwaka wa kabiri w'amashuri abanza

USAID
FROM THE AMERICAN PEOPLE

EDC Learning transforms lives.

Ikinyarwanda

# Igitabo cy'umunyeshuri

## Umwaka wa kabiri w'amashuri abanza

## Abagize uruhare mu iyandikwa ry'iki gitabo

**Abanditse iki gitabo:**
Kanyamibwa Epaphrodite
Murekatete Marie Beatrice
Niyitegeka Dative
Ndandali Didace
Mpinganzima Sonia

**Abajyanama:**
Bacumuwenda Nehemiah
Nyirandagijimana Anathalie

**Abashushanyije:**
Bizimana Seif
Banza Dolph
Bazambanza Rupert
Munyurangabo Jean de Dieu

**Abatunganyije iki gitabo:**
Twizeyimana Jean Pierre

**Abakosoye iki gitabo:**
Uzabakiriho Salvator

**Itsinda rishinzwe kwemeza integanyanyigisho n'imfashanyigisho (TAC)**
Dr. Musabe Joyce
Rwambonera François
Dr. Kayigema Jacques

**Abandi bantu bagize uruhare mu kwemeza iyi mfashanyigisho**
Nshimiyimana Alexis
**Uwibanze Theophile**

© 2015 Rwanda Education Board.
The Rwanda Education Board holds the copyright for the materials in this collection.

*This publication is made possible by the support of the American people through the United States Agency for International Development (USAID). The contents are the responsibility of Education Development Center (EDC) and do not necessarily reflect the views of USAID or the United States Government.*

# Ijambo ry'ibanze

Iki gitabo kigenewe umunyeshuri wiga mu mwaka wa kabiri w'amashuri abanza. Cyanditswe ku nkunga y'Ikigo cy'Amerika gishinzwe Iterambere Mpuzamahanga (USAID) binyujijwe mu mushinga ushinzwe guteza imbere uburezi (EDC/L3), ku bufatanye n'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB).

Iki gitabo cyanditswe kandi mu buryo bwo gushimangira imyigire n'imyigishirize ishingiye ku bushobozi bw'umunyeshuri kigendeye ku nteganyanyigisho nshya y'Ikinyarwanda ishyira mu bikorwa ibyifuzo by'Igihugu.

Iki gitabo kizafasha umunyeshuri kwiga Ikinyarwanda, hibandwa ku bushobozi bwo kuvuga, kumva, gusoma no kwandika ndetse no ku bumenyi bw'ururimi. Ni ngombwa rero ko abarezi bafasha umunyeshuri guhuriza hamwe buriya bushobozi bwose. Umunyeshuri wo mu mwaka wa kabiri, imvugo ye iba igikeneye gukosorwa buhoro buhoro ndetse no gukungahazwa kugira ngo akure arushaho kwisanzura mu rurimi rwe. Ni ngombwa ko umwarimu afatanyije n'ababyeyi bayobora umunyeshuri, bakamutera inkunga, bakamukosora mu byo avuga, asoma cyangwa yandika. Iki gitabo,kizafasha umunyeshuri kumva, kuvuga, gusoma no kwandika akora imyitozo inyuranye igikubiyemo.

Ni igitabo cyanditswe hakurikijwe ihame ryo kuva ku byoroshye ujya ku bikomeye, ku buryo gifasha umunyeshuri gusoma no kwandika uko agenda atera intambwe yunguka ubumenyi n'ubushobozi birushaho gutuma anoza imyigire ye ya buri munsi.

Mu gutegura iki gitabo hashingiwe ku mahame y'iyigandero mu bijyanye n'imyigishirize ihamye yo gutoza abanyeshuri gusoma no kwandika bakiri bato, ku buryo umunyeshuri uzigishwa ibikubiye muri iki gitabo azashobora kugira ubushobozi bw'ibanze butuma akurana umuco wo gusoma kandi akawusigasira mu buzima bwe bwose. Ni yo mpamvu mu gutegura iki gitabo hitabajwe impuguke zinyuranye mu by'uburezi ndetse n'imyigishirize y'indimi cyanecyane ururimi rw'Ikinyarwanda, kugira ngo kinogere umwarimu kandi kigirire akamaro abanyeshuri.

Turashimira rero abantu bose bagize uruhare mu kwandika iki gitabo kuko bashyigikiye ku buryo bw'umwihariko igikorwa cyo gutoza abanyeshuri umuco wo gusoma no kwandika bakiri bato. Turasaba kandi abantu bose bazasoma n'abazakoresha iki gitabo gutanga ibitekerezo byatuma kirushaho kunogera abo kigenewe.

**GASANA I. Janvier**

Umuyobozi Mukuru w'Ikigo Gishinzwe
Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB).

# Ibirimo


Ijambo ry'ibanze ..... iii

Iriburiro ..... vii

Imbonerahamwe y'ibihekane ..... 1

**Umutwe wa 1: Umuco w'amahoro ..... 2**

Isubiramo ry'ibyizwe mu mwaka wa mbere ..... 3

Ibihekane nz/ts ..... 10

Agakuru: Tubane mu mahoro ..... 14

Ibihekane by/by, rw/rw ..... 19

Agakuru: Dufashe abandi ..... 23

Ibihekane nt/nt, mw/mw ..... 28

Agakuru: Sentore azi gusaba imbabazi ..... 32

**Umutwe wa 2 : Inshingano z'abana ..... 37**

Ibihekane tw/tw, bw/bw ..... 37

Agakuru: Bwiza na Bwenge ..... 41

Ibihekane cy/cy, ry/ry ..... 46

Agakuru: Icyari k'inyoni ..... 50

**Umutwe wa 3 : Uburenganzira bw'umwana ..... 55**

Ibihekane my/my, nk/nk ..... 55

Agakuru: Twese dukine ..... 59

Ibihekane nj/nj, mv/mv ..... 64

Agakuru: Nyanjongo yaretse kwigunga ..... 68

**Umutwe wa 4 : Imiyoborere myiza..... 73**

Ibihekane mp/mp, jy/jy..... 73

Agakuru: Nkunda ishuri ryacu..... 77

Ibihekane pf/pf, zw/zw, nw/nw..... 82

Agakuru: Ukuri n'ikinyoma..... 86

**Umutwe wa 5 : Isuku ..... 90**

Ibihekane ns/ns, mby/mby, shy/shy, nsh/nsh, gw/gw, jw/jw. 90

Agakuru: Dusukure aho turara..... 94

Ibihekane nsh/nsh, gw/gw, jw/jw..... 100

Agakuru: Nshizirungu n'amatungo ye..... 104

**Umutwe wa 6: Ikoranabuhanga n'itumanaho..... 109**

Ibihekane nny/nny, nyw/nyw..... 109

Agakuru: Ababyinnyi baramenyekanye..... 113

Ibihekane njy/njy, ngw/ngw..... 118

Agakuru: Iterambere ryabagezeho..... 122

Ibihekane shw/shw, mbw/mbw..... 127

Agakuru: Rudasumbwa yarikosoye..... 131

Ibihekane mf/mf, ndw/ndw..... 136

Agakuru: Ikoranabuhanga iwacu..... 140

**Umutwe wa 7: Iterambere ..... 145**

Ibihekane sw/sw, nzw/nzw..... 145

Agakuru: Ntaganzwa ku isoko..... 149

Ibihekane hw/hw, nsw/nsw ..... 154
Agakuru: Tumenye ibihwagari ..... 158
Ibihekane ntw/ntw, tsw/tsw ..... 162
Agakuru: Uburere bw'umwana muto ..... 166
Ibihekane ty/ty, nkw/nkw ..... 170
Agakuru: Nkwakuzi yahembwe gutemberera muri Nyungwe ..... 174
Igihekane py/py ..... 179
Agakuru: Isiganwa ry'amamodoka ..... 182
**Umutwe wa 8: Ubuzima ..... 187**
Ibihekane njw/njw, dw/dw ..... 187
Agakuru: Senjwiri yararwaye ..... 191
Ibihekane sy/sy, fw/fw ..... 196
Agakuru: Have sigaho ..... 200
Ibihekane ndy/ndy, cw/cw ..... **205**
Agakuru: Dukunda gukina ..... 209
Ibihekane nshy/nshy, nty/nty ..... 214
Agakuru: Tuzi kwirinda indwara ..... 218
**Isuzuma rusange ..... 223**

# Iriburiro

Iki gitabo cy'umunyeshuri, gikubiyemo udukuru two gusoma ndetse n'imyitozo abanyeshuri bakorera mu ishuri no mu rugo buri munsi, bafashijwe n'ababyeyi babo cyangwa abo babana.

Ni byiza ko abanyeshuri batahana iki gitabo cy'umunyeshuri, kugira ngo abo babana mu rugo babafashe gukora imyitozo iteganijwe. Muri iki gitabo harimo kandi amabwiriza asobanurira abannyeshuri n'ababyeyi babo uko buri mwitozo ukorwa. Ababyeyi barasabwa kujya bafasha abana kumva neza amabwiriza, mu gihe cyose batarashobora kuyisomera.

Mu ntangiriro z'iki gitabo, hari imbonerahamwe y'ibihekane baziga mu mwaka wa 2 ifasha abanyeshuri kumenya amagambo amwe n'amwe ibyo bihekane bibonekamo. Ku mpera y'umwaka hateganijwe isuzumabushobozi rikomatanya ibyizwe byose muri uwo mwaka. Abanyeshuri barakangurirwa gukorera mu rugo imyitozo ijyanye n'ibyo bize mu ishuri buri munsi.

Udukuru two gusoma ni imyandiko abanyeshuri bashobora kwisomera ubwabo cyangwa se bafashijwe mu buryo bworoheje n'umwarimu wabo, umubyeyi wabo cyangwa se undi muntu babana. Ibi biterwa n'uko iyo myandiko iba ikubiyemo amagambo agizwe n'inyuguti n'ibihekane abanyeshuri bamaze kwiga. Uko abanyeshuri bagenda bunguka ibihekane ni ko iyo myandiko igenda yongerwamo amagambo atandukanye n'interuro zikiyongera.

Buri gakuru, gaherekezwa n'ibibazo bijyanye na ko. Abanyeshuri bashobora gusubiza ibyo bibazo mu nyandiko cyangwa mu mvugo.

Ababyeyi cyangwa abandi babana n'abanyeshuri barakangurirwa kubafasha kuba abasomyi beza no kubakundisha gusoma babagenera nibura iminota 20 buri munsi yo kubasomera inkuru no kubafasha gusoma. Bagomba kandi kubafasha gusubiramo imyitozo ijyanye n'ibyo bize mu ishuri uwo munsi cyangwa mu masomo yabanje.

Mu gihe abanyeshuri basoma, ni byiza kubashishikariza kwitegereza neza no gushyira urutoki ku mugemo cyangwa se amagambo uko bayasoma. Niba umunyeshuri adashobora gusoma umugemo, ijambo cyangwa se interuro, ni ngombwa kubimusubirishamo no kumushishikariza gukomeza kugerageza. Mu gihe akomeje kunanirwa kubisoma ni byiza kumufasha no kumusobanurira uko uwo mugemo, ijambo cyangwa interuro bisomwa.

Ni byiza kandi kwibuka gushimira umunyeshuri ku ijambo cyangwa se interuro asomye neza cyangwa agerageje gusoma neza. Kumushimira bimutera umwete wo gukomeza kugerageza no gukora neza kurushaho.

Imyitozo yo kumva, kuvuga, gusoma no kwandika, ni inkingi ikomeye mu kwigisha ururimi rw'Ikinyarwanda. Kubera iyo mpamvu, abashinzwe uburezi barasabwa gushishikariza ababyeyi cyangwa abandi babana n'abanyeshuri kubatoza kubaka ubwo bushobozi babafasha gukoresha neza iki gitabo cy'umunyeshuri.

# Imbonerahamwe y'ibihekane

| | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| **ts**<br>umusatsi | **nz**<br>inzu | **rw**<br>urwiri | **by**<br>ibyibo | **nt**<br>intama | **mw**<br>umwiko | **tw**<br>umutwaro |
| **bw**<br>ubwato | **cy**<br>icyuma | **ry**<br>iryinyo | **my**<br>imyobo | **nk**<br>inkoko | **nj**<br>injanga | **mv**<br>imvubu |
| **mp**<br>impeta | **jy**<br>urujyo | **pf**<br>ipfupfu | **zw**<br>guhozwa<br>**nw**<br>umunwa | **ns**<br>insina | **mby**<br>imbyiro | **shy**<br>ishyiga |
| **nsh**<br>inshinge | **gw**<br>umugwegwe | **jw**<br>amajwi | **nny**<br>ubunnyano | **nyw**<br>umunywi | **njy**<br>injyo | **ngw**<br>ingwe |
| **shw**<br>umushwi | **mbw**<br>imbwa | **mf**<br>imfizi | **ndw**<br>indwara | **nzw**<br>Ntaganzwa | **sw**<br>umuswa | **hw**<br>amahwa |
| **nsw**<br>inswa | **ntw**<br>intwari | **tsw**<br>kwatswa | **nkw**<br>inkwi | **ty**<br>ityazo | **py**<br>gupyipyinyura | **njw**<br>injwiri |
| **dw**<br>madwedwe | **sy**<br>urusyo | **fw**<br>igufwa | **ndy**<br>indyarya | **cw**<br>icwende | **nshy**<br>inshyushyu | **nty**<br>intyoza |

# Umutwe wa 1 : Umuco w'amahoro

ISUBIRAMO RY'IBYIZWE UMWAKA USHIZE

## Umwitozo wa 1: Kumva inkuru zasomwe.

**A. Subiza ibibazo bikurikira ku nkuru wasomewe mu mwaka ushize.**

2. Vuga inkuru wibuka wasomewe mu mwaka wa mbere.
3. Vuga uko byagenze mu ntangiriro, hagati no mu mpera y'iyo nkuru.
4. Ni iki ushima muri iyo nkuru?
5. Ni iki unenga muri iyo nkuru?
6. Ibyo wumvise mu nkuru hari aho wabibonye? Sobanura uko byagenze?
7. Ni iyihe nyigisho wakuye muri iyo nkuru?

**B. Subiza ibibazo bikurikira ku nkuru umaze gusomerwa.**

1. Ni ba nde bavugwa mu nkuru?
2. Byagenze bite mu ntangiriro y'inkuru?
3. Ni ikihe kibazo kivugwa mu nkuru? Cyakemutse gute?
4. Ni uwuhe mukinnyi wakunze mu nkuru? Kubera iki?
5. Ni iyihe nyigisho ukuye muri iyi nkuru?

## Umwitozo wa 2: Gusoma

**A. Soma amagambo akurikira**

| | | | |
|---|---|---|---|
| umuheha | Rorero | ibirayi | kurisha |
| amasogisi | ibiceri | imineke | Mbabazi |
| amayugi | Cacana | ukwezi | igikwasi |
| ikawa | ikivovo | gusimbuka | ikinyugunyugu |
| Wibabara | uturabo | Kabanda | intore |

**B. Soma interuro zikurikira**

1. Gakwandi arazirika amatungo mu murima.

2. Fata ayo mafaranga uge guhaha umunyu n'amavuta.
3. Gashema yateye ibiti bitandatu.
4. Mbabazi ahinga inyanya n'amatunda.

**C. Soma udukuru dukurikira**

**1. Abana ku ivomero**

Umunsi umwe Ngoga yagiye kuvoma. Ageze ku mugezi asanga Gashumba na Mbabazi basunikana buri wese ashaka kuvoma mbere y'undi. Gashumba abwira Mbabazi ati: "Ni nge ngomba kuvoma mbere." Mbabazi na we aramusubiza ati: "Nange ndavoma mbere." Ngoga yitegereje abo bana arabegera arababaza ati: "Ngaho nimuvugishe ukuri. Ni nde wageze hano mbere?" Gashumba aravuga ati: "Ni Mbabazi ariko ni nge uvoma mbere." Ngoga arabaganiriza abasaba ko bagomba kuvoma bakurikije uko baje. Nuko Mbabazi ahera ko aravoma, Gashumba akurikiraho, hanyuma Ngoga na we aravoma. Maze bose bataha banezerewe.

**2. Mbayiha akunda amatungo**

Mbayiha yoroye udukwavu dutandatu. Buri gitondo, yahirira udukwavu. Iyo arangije, arakaraba agakurikizaho kwisiga, agafata ibikoresho akoresha ku ishuri maze akerekeza ku ishuri. Mu kwezi kwa Nyakanga, yagurishije udukwavu tubiri, akuramo amafaranga maze aguramo igitabo kinini kirimo amashusho. Yaguzemo kandi umupira wo kwifubika mu mbeho.

## Umwitozo wa 3: Kwandika

**A. Kora interuro zitandukanye wifashishije aya magambo hanyuma uzandike mu ikayi yawe.**

| | |
|---|---|
| umukingo | udukweto |
| ikinyugunyugu | inyanya |
| amashaza | imbaho |

**B. Tondeka amagambo akurikira maze ukore interuro uzandike mu ikayi yawe.**

1. udukweto - Mboneza - bamuguriye.
2. Mbabazi - gutembera - Kwizera - na - bagiye.
3. ikinyogote - yashushanyije - mu - kiri - Gashumba - murima.
4. atuye - i - Kabanda - Nyamagabe

**C. Uzuza interuro zikurikira ukurikije inkuru wasomye mu mwaka ushize.**

1. Mirimo.....
2. Agakwavu .....
3. Kawera .....
4. Fatuma na Joriji .....

**D. Hitamo ijambo maze wuzuze interuro zikurikira**

(intungamubiri, ibidukikije, kuzigama, nyogokuru)

1. Data na mama bakunda..... amafaranga.
2. Mu kiruhuko gishize nasuye.....
3. Turengere .....kuko bidufitiye akamaro.
4. Dukwiye kurya ibiryo birimo .....zihagije.

# Inyuguti z'Ikinyarwanda mu mukono

Inyuguti: *i, u, a*

**1. a). Igana kwandika izi nyuguti mu ikayi yawe.**

*i, u, a*

Inyuguti: I, U, A

**2. a) Igana kwandika izi nyuguti mu ikayi yawe.**

I, U, A

Inyuguti: *e, o, c*

**3. a) Igana kwandika izi nyuguti mu ikayi yawe.**

*e, o, c*

**b) Itoze kwandika mu mukono amagambo akurikira mu ikayi yawe:**

1. ca 2. uce 3. ace 4. coca

Inyuguti: E, O, C

**4. a) Igana kwandika izi nyuguti mu ikayi yawe.**

E, O, C

**b) Itoze kwandika mu mukono amagambo akurikira mu ikayi yawe:**

1. Coca 2. Ace

Inyuguti: n, m, v

**5. a) Igana kwandika izi nyuguti mu ikayi yawe.**

n, m, v

**b) Itoze kwandika mu mukono amagambo akurikira mu ikayi yawe:**

1. umuvu 2. ane 3. meme 4. umuvovo

Inyuguti: N, M, V

**6. a) Igana kwandika izi nyuguti mu ikayi yawe.**

N, M, V

**b) Itoze kwandika mu mukono amagambo n'interuro bikurikira mu ikayi yawe.**

1. Mama 2. Nina

Minani avome.

Inyuguti: w, s, r

**7. a) Igana kwandika izi nyuguti mu ikayi yawe.**

w, s, r

**b) Itoze kwandika mu mukono amagambo akurikira mu ikayi yawe:**

1. wirira 2. amaraso 3. isomo 4. rorera

Inyuguti: W, I, R

**8. a) Igana kwandika izi nyuguti mu ikayi yawe.**

W, I, R

**b) Itoze kwandika mu mukono amagambo n'interuro bikurikira mu ikayi yawe.**

1. Werarisi 2. Simoni 3. Rorero

Samusoni arasura Wirira i Remera.

Inyuguti: g, j, p

**9. a) Igana kwandika izi nyuguti mu ikayi yawe.**

g, j, p

**b) Itoze kwandika mu mukono amagambo n'interuro bikurikira mu ikayi yawe:**

1. amagi 2. amajipo 3. ingoma

Muvara aramesa umupira.

Inyuguti: G, J, P

**10. a) Igana kwandika izi nyuguti mu ikayi yawe.**

G, J, P

**b) Itoze kwandika mu mukono amagambo n'interuro bikurikira mu ikayi yawe.**

1. Gapasi 2. Joriji 3. Poponi

Gaju arasaruza amapapayi i Jali.

Inyuguti: z, y, l

**11. a) Igana kwandika izi nyuguti mu ikayi yawe.**

z, y, l

**b) Itoze kwandika mu mukono amagambo n'interuro bikurikira mu ikayi yawe:**

1. umugozi 2. umuyaga 3. Umulisa

Muyango yagiye kuzana amasaro i Jali.

Inyuguti: Z, Y, L

**12. a) Igana kwandika izi nyuguti mu ikayi yawe.**

Z, Y, L

**b) Itoze kwandika mu mukono amagambo n'interuro bikurikira mu ikayi yawe.**

1. Liza 2. Yona 3. Zigama

Yuliya ni murumuna wa Liza na Ziripa.

Inyuguti: t, h, d

**13. a) Igana kwandika izi nyuguti mu ikayi yawe.**

t, h, d

**b) Itoze kwandika mu mukono amagambo n'interuro bikurikira mu ikayi yawe:**

1. tarama 2. umuheha 3. urudodo

Mitari ahinga amadegede.

Inyuguti: C, H, D

**14. a) Igana kwandika izi nyuguti mu ikayi yawe.**

C, H, D

**b) Itoze kwandika mu mukono amagambo n'interuro bikurikira mu ikayi yawe.**

1. Ceta 2. Herena 3. Dativa

Hitimana adodera amakoti i Huye.

Inyuguti: b, k, f

**15. a) Igana kwandika izi nyuguti mu ikayi yawe.**

b, k, f

**b) Itoze kwandika mu mukono amagambo n'interuro bikurikira mu ikayi yawe:**

1. ibibabi 2. akaguru 3. ifi

Rubibi na Fatuma bafite amafi abiri.

Inyuguti: B, K, F

**16. a) Igana kwandika izi nyuguti mu ikayi yawe.**

B, K, F

**b) Itoze kwandika mu mukono amagambo n'interuro bikurikira mu ikayi yawe.**

1. Burera 2. Karake 3. Furaha

Kabera yakurikiye Faraziya mu birori .

Kudasagarira abandi

**1. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

**2. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

inzu

**3. Soma, tahura umubare w'igihekane nz kiri muri aya magambo n'interuro.**

1. Ikibanza 2. inzogera

Nzaramba na Nyanzobe batuye i Kayonza

**4. Itoze kwandika aya magambo n'interuro unoza mu mukono.**

1. inzererezi 2. inzogera

Nzaramba yanzaniye inzuzi nziza.

**5. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

umutsima

**6. Soma, tahura umubare w'igihekane ts kiri muri aya magambo n'interuro.**

1. Kwatsa 2. umutsima

Gatsinzi ni umugabo usetsa.

**7. Itoze kwandika aya magambo n'interuro unoza mu mukono.**

1. igikatsi 2. gusetsa

Matsiko yatsinze ibizamini.

**8. Tondeka imigemo ukore amagambo kandi uyandike mu mukono mu ikayi yawe.**

bi - i - tsi - to

be - i - nzo

u - hi - mu - nzi

tsa - kwi - ra - mu

ge- i - ra - nzo

ku - tsa - ra - mu

**9. Uzurishamo** ts **cyangwa** nz **wandike mu mukono kandi usome amagambo ubonye.**

| | |
|---|---|
| Bise___a | ibi___ike |
| ubwa___i | i___ogera |
| i___oga | umwo___i |

**10. Hitamo amagambo wuzuze interuro maze uzandike mu mukono.**

mutsima amatsiko yahinze umutonzi

1. Inzovu zigira _____ muremure.
2. Nzanira uwo _____ .
3. Ndaruhutse _____ uburo.
4. Kabatsi ahorana _____ .

**11. Kuri buri jambo, kora interuro uzandike mu mukono mu ikayi yawe.**

| | |
|---|---|
| kwitsamura | umutsima |
| Bisetsa | inzuki |
| inzira | inzoka |
| inzozi | umusatsi |

**12. Tondeka amagambo ukore interuro maze uzandike mu mukono mu ikayi yawe.**

1. araramutsa - Bisetsa - Rusatsi.
2. arareba - Gatsinzi - Kabatsi
3. inzira - Sinzayoba - nanyuzemo
4. abaza - Nzirorera - inzugi.
5. izo - Nzanira - nzazitera - nzuzi - ejo.

**13. Shyira urutoki munsi ya buri jambo maze usome agakuru gakurikira.**

Gatsinzi na Nzirorera ni abana bavukana. Gatsinzi yirinda gusagarira abandi. Nzirorera we ashotora abandi. Iyo akina na Gatsinzi umupira, arawiharira akamubuza gutera umupira. Iyo barimo basangira, ashaka kwiharira amafunguro wenyine. Umuhinzi Bisetsa yari mu nzira agana mu murima we. Anyura kuri Gatsinzi na Nzirorera. Bisetsa abona Nzirorera asagararira Gatsinzi amugira inama. Nzirorera arikosora, yiyemeza kureka gushotora no gusagarira Gatsinzi.

**Subiza ibibazo ku gakuru**

1. Ni iki ushima Gatsinzi. Kubera iki?
2. Uzuza iyi nteruro ukurikije ibyo wasomye mu gakuru.

Nzirorera yarikosoye, areka.....

1

# Tubane mu mahoro

Nitwa Mutsinzi. Buri gihe, nirinda gusagarira abandi. Kubana neza na bagenzi bange biranezeza.

2

Iyo dukina, dusaranganya neza ibikoresho. Dutizanya imipira, imigozi yo gusimbuka n'ibindi.

3

Iyo dukina, nirinda gusunika no gutega abandi. Iyo mugenzi wange atsikiye akitura hasi, nihutira kumuhagurutsa.

4

Iyo umurezi wacu aduhaye umukoro mu matsinda, nirinda gusunika abandi. Nirinda kwiharira ibikoresho.

5

Nirinda kwangiza  amakayi ya bagenzi bange.
Nihatira gufata neza ibikoresho dukoresha mu ishuri.

6

Mbere yo gufata ibikoresho bya mugenzi wange, ndabimutira.
Kwiha  ibikoresho by'abandi batabiguhaye ni bibi.

7

Iyo hagize umunyeshuri usagararira undi, dutabara vuba maze tukabakiza. Gutukana, gushotorana ni bibi.

8

Twese  tubane mu mahoro, dufatanye, tureke gusagarira abandi.

**9** **Itegereze aya mashusho uvuge uko inkuru umaze gusoma yagenze.**

**Subiza ibibazo bikurikira**

1. Ni iki kerekana ko Mutsinzi na bagenzi be babana mu mahoro?
2. Mugenzi wawe agushotoye wakora iki?
3. Ni iki wakunze mu nkuru?
4. Ni iyihe nyigisho wakuye muri aka gakuru?

**Uzuza iyi nteruro:**
Ku ishuri nirinda _____ abandi.

## Gufashanya

**1. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

**2. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

ibyibo

**3. Soma, tahura umubare w'igihekane by kiri muri aya magambo n'interuro.**

1. Urwabya 2. kubyara

Nyabyenda atuye mu Byimana.

**4. Itoze kwandika aya magambo n'interuro unoza mu mukono.**

1. gukarabya 2. umubyibuho

Byukusenge ni mubyara wa Mubyeyi.

**5. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

urwembe

**6. Soma, tahura umubare w'igihekane rw kiri muri aya magambo n'interuro.**

1. kurwara 2. kurerwa

Umurerwa arerwa na Muhirwa.

**7. Itoze kwandika aya magambo n'interuro unoza mu mukono.**

1. urwego 2. urwiri

Mukarwema arwaje Umurerwa.

**8. Tondeka imigemo ukore amagambo kandi uyandike mu mukono mu ikayi yawe.**

yi - bye- mu - u

ko - rwa - co - ga

byu - i - ma

ra - rwa - u

bya - u - rwa

nda - Nya - bye

**9. Uzurishamo by cyangwa rw wandike mu mukono kandi usome amagambo ubonye.**

| | |
|---|---|
| igiko__ a | __imana |
| u __uri | Sa __inyo |
| u __ondo | ababi__ i |

**10. Hitamo amagambo wuzuze interuro maze uzandike mu mukono.**

Umubyibuho urubyiruko rwuri Rwanda

1. _____ ni igihugu kiza.
2. _____ rukorera igihugu.
3. Amatungo ari mu _____.
4. Nirinda _____ ukabije.

**11. Kuri buri jambo, kora interuro uyandike mu mukono mu ikayi yawe.**

| | |
|---|---|
| ibyondo | urubyiruko |
| urwego | ibyuya |
| umurwayi | urwabya |
| umubyibuho | urwina |

**12. Tondeka amagambo ukore interuro maze uzandike mu mukono mu ikayi yawe**

1. rwa - rwasandaye - Urweso - Mubibyi.
2. yafashije - Kabyeyi - Rwema.
3. Have - mu - rwobo - ukavunika utitura.
4. Kubyina - ababireba - ni - byizihiza- byiza.
5. yagiye - Rwakazina - Rwesero - ku.
6. byiza - aboha - Nyiramubyeyi - ibyibo.

**13.Shyira urutoki munsi ya buri jambo maze usome agakuru gakurikira.**

Mubyeyi na Rwego ni abana bafite uburere bwiza. Bafite umuco wo gufasha abandi. Mu kwezi gushize bagiye gufasha umukecuru Byukusenge. Bamuvomera amazi bayuzuza ibibindi bibiri byari mu rugo. Bamukorera isuku mu rugo hose bayora urwondo rwari rwuzuye imbere y'inzu ye. Mubyeyi na Rwego kandi bamusarurira ibigori byari byeze mu murima wari hafi y'urugo. Mukecuru Byukusenge arabashimira maze abaha amatunda yuzuye ibyibo bibiri.

**Subiza ibibazo ku gakuru**

1. Ibikorwa byiza wigiye kuri Rwego na Mubyeyi ni ibihe?
2. Uzuza iyi nteruro ukurikije ibyo wasomye mu gakuru.

Mubyeyi na Rwego ni abana beza kuko .....

1

# Dufashe abandi

2



Umurerwa na Rwasibo bakunda gufasha abandi. Ejo umubyeyi wabo yabohereje i Rwaza kugura ibyibo.

3

Mu nzira banyura ku murwayi wananiwe, baramusindagiza. Umurerwa na Rwasibo bakomeza urugendo.

4



Banyura ku gakende kaguye mu rwobo, bagahereza urwego maze kavamo.

5



Banyura ku mukecuru abajura bashakaga kwambura amafaranga. Umurerwa na Rwasibo bavuza urwamo abajura bariruka.

6

Banyura kuri Ntabyera yabuze amatungo ye. Umurerwa na Rwasibo bamufasha kuyashakira mu mubyuko.

7

Banyura ku musaza  Rwema yaguye mu byondo. Umurerwa na Rwasibo bamufasha kuvamo.

8

Banyura ku muhinzi wabuze ibyuma byo guca amasaka. Umurerwa na Rwasibo bamufasha kubishaka.

9



Banyura ku mubyeyi ugiye gucuruza imboga i Rwaza. Umurerwa na Rwasibo bamufasha kuzigeza ku isoko.

**Subiza ibibazo bikurikira**

1. Vuga abantu Umurerwa na Rwasibo bafashije mu nzira n'uko babafashije .
2. Mwebwe hari abantu mujya mufasha? Mubigenza mute?
3. Ubona Umurerwa na Rwasibo batarashoboraga gutinda bafasha abandi ntibasohoze ubutumwa bahawe? Sobanura
4. Ni iyihe nyigisho ukuye mu nkuru?

**Uzuza iyi nteruro:**

Umurerwa na Rwasibo bafashije_____.

Gusaba imbabazi no kuzitanga

**1. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**



**2. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

intama

**3. Soma, tahura umubare w'igihekane nt kiri muri aya magambo n'interuro.**

1. inteko 2. intare

Sentore yantabaye igihe intozi zanteraga.

**4. Itoze kwandika aya magambo n'interuro unoza mu mukono.**

1. intugu 2. intebe

Ntaganda yantereye intabire.

**5. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

umwiko

**6. Soma, tahura umubare w'igihekane mw kiri muri aya magambo n'interuro.**

1. umwuga 2. umwami

Mwese mwirinde gusagarira abandi.

**7. Itoze kwandika aya magambo n'interuro unoza mu mukono.**

1. umwanana 2. umwungu

Mwarimu wacu adutoza kuwanya umwanda.

**8. Tondeka imigemo ukore amagambo kandi uyandike mu mukono mu ikayi yawe.**

| | |
|---|---|
| te - u - mwi - ro | ki -i - nto |
| ro - i - ntu | to - u - mwi - zo |
| na - u -mwa | be - nte - i |

**9. Uzurishamo mw cyangwa nt wandike mu mukono kandi usome amagambo ubonye.**

| | |
|---|---|
| u__ana | __iriwe |
| __urire | i __ugu |
| i__obo | i__are |

**10. Hitamo amagambo wuzuze interuro maze uzandike mu mukono.**

umwirongi mwobo Inturusu intama

1. Ntabyera yoroye _____.
2. _____ ni ibiti bikomera .
3. Utitura mu _____ ukavunika.
4. Sentama azi kuvuza _____ .

**10. Kuri buri jambo, kora interuro uyandike mu mukono mu ikayi yawe.**

| | |
|---|---|
| intugu | intorezo |
| intore | umwuko |
| Mukamwiza | umwete |
| umwari | intare |

**12. Tondeka amagambo ukore interuro maze uzandike mu mukono mu ikayi yawe**

1. wa - kabiri - mu - mwaka - Mwageze.
2. mwarimu - Uyu - yatumwe - na - mwana
3. intiti - muzabe - Mwese.
4. ikimwaro - Kuvuga - bitera - ubusa
5. uwo - Mwihere - asukure - mweyo - hano.

**13. Shyira urutoki munsi ya buri jambo maze usome agakuru gakurikira.**

Ndi Uwamwiza. Gusaba imbabazi ni umuco mwiza. Iyo nkoze ikosa nihutira gusaba imbabazi. Mama yagiye guhaha ku isoko. Amaze kugenda, nagiye mu kabati maze ntangira kwirira intongo z'inyama zari mu gisorori. Za ntama zica ikiziriko zona imbuto zo mu murima wa Kantore. Nuko mbibonye ntangira gusaba imbabazi Kantore, Data na Mama maze barambabarira. Sinongera kurangara. Ntega amatwi neza ibyo ababyeyi bansabye gukora. Nihatira gutunganya neza imirimo bantoza.

**Subiza ibibazo ku gakuru**

1. Wowe iyo ukoze ikosa ukora iki?
2. Uzuza iyi nteruro ukurikije ibyo wasomye mu gakuru.

Uwamwiza ..... iyo akoze ikosa.

**14. Shaka mu mirongo itambitse y'iki kinyatuzu amagambo arimo igihekane nz , ts, rw, by, nt, mw uyandike mu ikayi yawe mu mukono.**

| | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| m | j | **u** | **m** | **w** | **a** | **n** | **a** | i | g |
| k | w | i | b | y | o | n | d | o | a |
| h | i | n | t | o | k | i | j | i | p |
| j | v | z | u | m | w | o | t | s | i |
| k | l | k | u | r | e | r | w | a | u |
| g | u | m | u | s | a | t | s | i | e |
| s | i | n | i | y | e | n | z | a | s |

1

# Sentore azi gusaba imbabazi

2

Sentore yiga mu mwaka wa kabiri.
Iyo akoze ikosa, yihutira gusaba imbabazi.

3

Sentore yasitaye kuri Uwamwiza bakina yikubita hasi ababara intoki. Sentore asaba imbabazi Uwamwiza aramubabarira.

4

Sentore yakandagiye mu kiziba gitarukira ku mwenda wa Mukamwezi wuzuraho umwanda. Sentore asaba imbabazi Mukamwezi aramubabarira.

5

Sentore yakandagiye Umwari amano atabishaka, ararira. Sentore asaba imbabazi Umwari aramubabarira.

6

Sentore yatuye hasi igitabo cya Mwitende maze urupapuro ruracika. Sentore asaba imbabazi Mwitende aramubabarira.

7

Sentore yagiye mu ishuri atakoze umukoro.
Asaba imbabazi maze ntiyongera kwibagirwa gukora umukoro.

8

Sentore yageze ku ishuri yakererewe.
Asaba imbabazi umwarimu maze ntiyongera gukererwa.

9



Sentore yangije intebe yo mu rugo.
Asaba imbabazi ababyeyi be maze baramubabarira.

**Subiza ibibazo bikurikira**

1. Vuga amakosa atandukanye Sentore yagiye akora?
2. Ni iki washima Sentore?
3. Ni irihe kosa Sentore yakoze nawe wigeze gukora?
4. Wowe ukoshereje mugenzi wawe wabigenza ute?
5. Mugenzi wawe agukoshereje akagusaba imbabazi wamubabarira? kubera iki?

**Uzuza iyi nteruro:**

Sentore azi _____

Umukoro wo mu ishuri

## Ibihekane tw/tw, bw/bw

**1. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**



**2. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

ugutwi

**3. Soma, tahura umubare w'igihekane tw kiri muri aya magambo n'interuro.**

1. ubutwari  2. gutwerera

Gitwaza asukura mu mutwe no mu matwi ye.

**4. Itoze kwandika aya magambo n'interuro unoza mu mukono.**

1. umutwaro 2. ibitwenge

Twizeye yikoreye imitwaro iremereye.

**5. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**



ubwato

**6. Soma, tahura umubare w'igihekane bw kiri muri aya magambo n'interuro.**

1. ubwira 2. Bwenge

Ubwato bwa Bwenge bwuzuye amafi.

**7. Itoze kwandika aya magambo n'interuro unoza mu mukono.**

1. umukobwa 2. ubwuzu

Bwiza ni umukobwa ufite ubwenge.

**8. Tondeka imigemo ukore amagambo kandi uyandike mu mukono mu ikayi yawe.**

u - ya - bwo

twi - gu - u

ra - u - bwi

to - bwa - u

re - u - twa - mu

bwe - u - nge

**9. Uzurishamo bw cyangwa tw wandike mu mukono kandi usome amagambo ubonye.**

| | |
|---|---|
| U___oba | u___ato |
| ugu___i | umu___aro |
| ibi___enge | u___iherero |

**10. Hitamo amagambo wuzuze interuro maze uzandike mu mukono.**

Gutwererera ubwishingizi ubwato ubwuzu

1. Abaturiye ibiyaga batega _____.
2. Ababyeyi bakirana _____ abuzukuru.
3. _____ ni umuco mwiza mu banyarwanda.
4. Abana twese dukeneye _____ mu kwivuza.

**11. Kuri buri jambo, kora interuro uyandike mu mukono mu ikayi yawe.**

| | |
|---|---|
| Bwiza | abakobwa |
| Gatwaro | Gasarabwe |
| Umutwe | amabwene |
| gutwika | Kabgayi |

**12. Tondeka amagambo ukore interuro maze uzandike mu mukono mu ikayi yawe**

1. Inzovu - butangaje - ifite - ubwenge.
2. Twahirwa - na - Nahuye - umutwaro - uremereye - yikoreye.
3. ubwoba - bagira - bato - Abana .
4. ubwato - Bwanakweri - bwo - yatwerereye - abageni - kubatwara.
5. utwenda - bagira - Abana - twiza.

**13.Shyira urutoki munsi ya buri jambo maze usome agakuru gakurikira.**

Dutega amatwi umwarimu iyo duhabwa umukoro. Buri mugoroba, dukora neza umukoro twahawe. Ntitugira ubunebwe bwo kurangiza neza umukoro. Twibuka gukora umukoro hakiri kare. Twiyungura ubwenge iteka. Duhabwa umukoro wo gusoma, kwandika no kubara. Duhabwa umukoro wo gushakira ibibazo ibisubizo maze tukarushaho kugira ubuzima bwiza. Iyo tugeze mu ishuri, umwarimu abanza kureba uko twakoze umukoro maze akadukosora. Twese twese, twitabire gukora neza umukoro.

**Subiza ibibazo ku gakuru**

1. Ni izihe nshingano z'umunyeshuri na we akeneye kugira izawe?
2. Uzuza iyi nteruro ukurikije ibyo wasomye mu gakuru.

Mu ishuri .....

1

# Bwiza na Bwenge



2



Bwiza na Bwenge batuye i Kabgayi.
Babana na nyina Bwerere na se Twahirwa.

3



Bwiza ni umukobwa ufite uburere bwiza. Bwenge na we ni umwana  utagira ubunebwe na gato.

4

Bwiza na Bwenge babyuka kare maze bagasasa uburiri bwabo. Buri gitondo, bakaraba umubiri wose bahereye mu mutwe.

5

Mu ishuri, abo bana bagaragaza ubwenge butangaje. Batega amatwi ibyo mwarimu yigisha kandi ntibagira ubwoba bwo gusubiza.

6

Bwiza na Bwenge bagira ubwuzu bwo gukina. Bakina bakubita ibitwenge maze bagasabana.

7



Iyo bageze mu rugo, Bwiza na Bwenge bakora umukoro umwarimu yabahaye. Iyo barangije, bafasha ababyeyi mu mirimo yo mu rugo.

8

Iyo bari mu biruhuko, bafasha se kuroba amafi bakoresheje ubwato. Iyo barangije kuroba, bagira ubwira bwo gutahana amafi mu rugo.

## 8 Itegereze aya mashusho, uvuge uko byagenze mu nkuru umaze gusoma.



## Subiza ibibazo bikurikira

1. Ni ba nde bavugwa muri aka gakuru?
2. Ni iki ushima Bwenge na Bwiza?
3. Ni iyihe mirimo ukora mu rugo?
4. Ni iyihe myitwarire myiza nawe wakurikiza ku ishuri?
5. Wowe ufasha iki ababyeyi mu biruhuko?

**Uzuza interuro ikurikira:**

Iyo bageze mu rugo, Bwiza na Bwenge bakora_____.

Kwita ku bikoresho n'aho aba

**1. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**



**2. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

icyari

**3. Soma, tahura umubare w'igihekane cy kiri muri aya magambo n'interuro.**

1. icyarire 2. umucyo

Mucyo na Cyusa bacyuye amatungo.

**4. Itoze kwandika aya magambo n'interuro unoza mu mukono.**

1. icyayi 2. icyondo

Cyurinyana ateka mu cyungo cyogeje.

**5. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

intoryi

**6. Soma, tahura umubare w'igihekane ry kiri muri aya magambo n'interuro.**

1. ibiryo 2. Ryabega

Ryumugabe yicaye iburyo bw'umuryango.

**7. Itoze kwandika aya magambo n'interuro unoza mu mukono.**

1. umurya 2. ibiryo

Iryinyo rya Gashema ryaracukuritse.

**8. Tondeka imigemo ukore amagambo kandi uyandike mu mukono mu ikayi yawe.**

| | |
|---|---|
| cyo - zo - i - re | rya - u - mu |
| yi - i - cya | cyu - i - zi |
| rya - ku - ma | nyo - ryi - i |

**9. Uzurishamo ry cyangwa cy wandike mu mukono kandi usome amagambo ubonye.**

| | |
|---|---|
| Into___i | ku___amira |
| i___obo | i___ogesho |
| Umu__a | umu___ango |

**10. Hitamo amagambo wuzuze interuro maze uzandike mu mukono.**

Iryinyo icyondo imiryango icyayi

1. Inzu zigira _____ migari.
2. Iriya nzira ibamo_____ gifatira.
3. _____ gituma dususuruka.
4. _____ rirwaye ritera imisonga.

**11. Wifashishije amagambo akurikira, kora interuro uzandike mu mukono mu ikayi yawe.**

| | |
|---|---|
| icyondo | icyuzi |
| iryinyo | ibiryo |
| Cyohoha | icyobo |
| uburyohe | intoryi |

**12. Tondeka amagambo ukore interuro maze uzandike mu mukono mu ikayi yawe**

1. Amafi - kigira - Ikiyaga - Cyohoha - cya - aryoha.
2. iryinyo - Nitegereje - muganga - uburyo - akura.
3. kwihuta - Icyondo - cyabujije - imodokari.
4. avuye - Bucyana - inyana - gucyura.

**13.Shyira urutoki munsi ya buri jambo maze usome agakuru gakurikira.**

Ryumugabe ni intangarugero mu gukora isuku. Abo mu muryango we bamutoje gusukura aho arara. Ryumugabe ntaryamira. Arabyuka agasasa uburiri bwe neza. Yibuka gufungura urugi kugira ngo mu cyumba ke hinjiremo umwuka mwiza. Ahanagura umukungugu maze agakubura neza icyumba ke. Yirinda icyondo mu cyumba ke. Ryumugabe atondeka neza ibikoresho n'imyambaro ye. Iyo ugeze mu cyumba cya Ryumugabe, usanganirwa n'isuku. Na nge ni ko ngomba kubikora.

**Subiza ibibazo ku gakuru**

1. Uhereye ku byo wasomye, ni ibihe bikorwa b'isuku ukora aho urara?
2. Uzuza iyi nteruro ukurikije ibyo wasomye mu gakuru.

Ryumugabe ni intangarugero kuko .....

**14. Fora ndi nde?**

a) Ndi inzu y'inyoni, mba mu biti, nterwamo amagi. Fora ndi nde?

b) Turi babiri, dutuye ku mutwe utadufite ntiwakumva. Fora turi ba nde?

1

# Icyari k'inyoni

2

Inyoni zaritse icyari hafi ya Cyohoha.
Buri gitondo, izo nyoni zikangura Bucyana na mushiki we Cyuzuzo kugira ngo bataryamira.

3



Bucyana na Cyuzuzo baritegereza inyoni.
Barashaka kumenya uko inyoni zubaka icyari.

4

Babonye inyoni zizana ibyatsi byo kubaka icyari.
Babonye inyoni zihoma icyondo ku cyari.

5

Babonye utwana turyamye mu cyari.
Babonye utwo tunyoni dusangira ibiryo.

6

Hari icyondi cyabaga mu gacyamo hafi aho. Icyo cyondi cyaje gushaka ibiryo muri icyo cyari.

7

Icyo cyondi cyaje kwiba utwo tunyoni ibiryo. Iyo utunyoni tukibonye, tubira icyuya kubera ubwoba.

8



Cyuzuzo na  Bucyana barirukana icyondi mu cyari. Icyondi cyubura umutwe maze kireba Cyuzuzo na Bucyana.

**9**

Icyondi kiruka kigana mu gacyamo aho cyaturutse. Nuko inyoni zisubira mu cyari cyazo.

**10** **Subiza ibibazo ku nkuru**

1. Ibiguruka bivugwa mu gakuru ni ibihe?
2. Ibyo biguruka byakoze ikihe gikorwa bifatanyije?
3. Ni ibihe bikorwa ukenera gufatanya n'abandi mu ishuri no mu rugo?
4. Ni ibihe byiza byo gufatanya n'abandi?
5. Inkuru ikwigishije iki?

**Uzuza iyi nteruro:**

Icyondi kimaze guhunga, inyoni_____

Uburenganzira bwo gukina

## Ibihekane my/my, nk/nk

**1. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**



**2. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

imyumbati

**3. Soma, tahura umubare w'igihekane my kiri muri aya magambo n'interuro.**

1. imyenge 2. imyugariro

Myasiro yirinda imyanda.

**4. Itoze kwandika aya magambo n'interuro unoza mu mukono.**

1. imyase 2. imyugariro

Nkeneye amakamyo makumyabiri yuzuye umucanga.

**5. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

inka

**6. Soma, tahura umubare w'igihekane nk kiri muri aya magambo n'interuro.**

1. Nkuranga 2. inkeri

Munyankuyo akunda kureba inkende.

**7. Itoze kwandika aya magambo n'interuro unoza mu mukono.**

1. inkoko 2. inkongoro

Nkusi yikoreye imyumbati mu nkangara.

**8. Tondeka imigemo ukore amagambo kandi uyandike mu mukono mu ikayi yawe.**

| | |
|---|---|
| mbe – mye – i | ngu – myu – i |
| ko – i – nko | i - ngo - nko - ro |
| nko – i – mbe | yo - i - mye |

**9. Uzurishamo my cyangwa nk wandike mu mukono kandi usome amagambo ubonye.**

| | |
|---|---|
| i___ugariro | i___uru |
| ___asiro | i___otso |
| i__angu | Giko___o |

**10. Hitamo amagambo wuzuze interuro maze uzandike mu mukono.**

Kankindi – Inkende – imyenda – imyiko – inkoko

1. _____zurira ibiti.

2. Zana _____dutangire kubaka.

3. _____yambaye_____myiza.

4. Iwacu dufite _____ zitera amagi.

**11. Wifashishije amagambo akurikira, kora interuro uzandike mu mukono mu ikayi yawe.**

| | |
|---|---|
| inka | inkuba |
| imyanda | imyotsi |
| inkono | inkuru |
| imyeyo | imyembe |

**12. Tondeka amagambo ukore interuro maze uzandike mu mukono mu ikayi yawe**

1. inkangara - yikoreye - Myato.
2. ikamyo - Kankesha - yuzuye - atwaye - amabuye.
3. imyugariro - Iwacu - makumyabiri - dufite.
4. Nkusi - iyo - Siba - myobo - atayituramo.
5. utegereze - Myasiro - ku - Hagarara - nkombe.

**13.Shyira urutoki munsi ya buri jambo maze usome agakuru gakurikira.**

Hariho inkende yabaga yonyine. Se na nyina zari zarayisize mu mukenke wabaga hafi y'umurima w'imyumbati. Iyo nkende yahoraga ibabaye. Ntiyabonaga izindi nkende ngo zikine. Nuko igitondo kimwe, ibona inkoko za Myugariro zirimo zikina zishimye. Nuko irazitegereza, irazisanga na yo itangira gukina na zo. Inkoko na zo zirayishimira maze zirayakira, zikina na yo. Ya nkende itangira guseka, gusakuza no gusimbuka kubera ibyishimo byo gukina.

**Subiza ibibazo ku gakuru**

1. Iyi nkuru wasomye ikwigishije iki?
2. Uzuza iyi nteruro ukurikije ibyo wasomye mu gakuru.

Inkende yatangiye guseka kuko.....

1

# Twese dukine

2

Myiyereko na Kankesha bafite imyaka umunani. Bakunda gukinira umupira ku kibuga cya Gakenke.

3



Bageze mu kibuga babona harimo imyanda.
Myiyereko na Kankesha batoragura iyo myanda,
barangije barakina.

4

Myiyereko atsinda Kankesha igitego kimwe.
Kankesha na we atsinda Myiyereko ibitego bibiri.

5

Ayinkamiye ahageze, ashaka gukina na bo.
Myiyereko na Kankesha banga gukina na we.

6

Umusaza Senkuyo anyura aho ku kibuga.
Yari avuye kugura imyirongi, inkoko n'imyumbati.

7

Senkuyo abona Ayinkamiye yigunze kandi arira. Senkuyo abaza Ayinkamiye ikimuriza.

8

Ayinkamiye ati: “Myiyereko na Kankesha banze ko dukina.” Ayinkamiye yongeraho ati: “Ngo ndacyari muto cyane da!”

9

Senkuyo atangira kubacurangira, abagira inama nziza yo gukina bose. Myiyereko na Kankesha bemera gukina na Ayinkamiye barishima, bakina neza.

**Subiza ibibazo ku nkuru**

1. Myiyereko na Kankesha babigenje bate Ayinkamiye abasanze aho bakinira?
2. Senkuyo yakoreye iki bariya bana?
3. Hari umwana wabonye wanga gukina n'abandi? Byagenze bite?
4. Ubonye abana banga gukina n'abandi, wakora iki?
5. Ushingiye ku bivugwa mu nkuru uzuza interuro ikurikira mu ikayi yawe?

**Uzuza iyi nteruro**

Kankesha afite _____.

## Uburenganzira bwo kuba mu muryango

**1. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

**2. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

uruhinja

**3. Soma, tahura umubare w'igihekane nj kiri muri aya magambo n'interuro.**

1. umukunjo 2. igikonjo

Ribanje yinjira mu ishuri adasakuza.

**4. Itoze kwandika aya magambo n'interuro unoza mu mukono.**

1. injumbure 2. gukanjakanja

Samvura yikunje kubera ubukonje.

**5. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

imvubu

**6. Soma, tahura umubare w'igihekane mv kiri muri aya magambo n'interuro.**

1. imvaruganda 2. Mvejuru

Samvura yitwikiriye umutaka mu mvura.

**7. Itoze kwandika aya magambo n'interuro unoza mu mukono.**

1. amahomvu 2. imvi

Injira mu nzu imvura itakunyagira.

**8. Tondeka imigemo ukore amagambo kandi uyandike mu mukono mu ikayi yawe.**

| | |
|---|---|
| njo – i – ko - bi | mvu – mu – u – vu |
| i – vu – ri – ki – mvu | ra – i – mvu |
| i – njo – bi – jo - ri | nga – i – nja |

**9. Uzurishamo nj cyangwa mv wandike mu mukono kandi usome amagambo ubonye.**

| | |
|---|---|
| 1. i____ugu | 4. i____i |
| 2. amaho___u | 5. guko___a |
| 3. i____ura | 6. inya___a |

**10. Hitamo amagambo wuzuze interuro maze uzandike mu mukono.**

imvura – injiji – Umuvumvu – imvuvu – uruhinja

1. Mwanure imyenda dore_____igiye kugwa.
2. _____ahakura ubuki.
3. Samvura afite_____mu mutwe.
4. Uyu mukecuru si _____ ahubwo azi ubwenge.

**11. Wifashishije amagambo akurikira, kora interuro uzandike mu mukono mu ikayi yawe.**

| | |
|---|---|
| imvura | kwinjira |
| ubukonje | amahomvu |
| imva | injiji |
| kumviriza | uruhinja |

**12. Tondeka amagambo ukore interuro maze uzandike mu mukono mu ikayi yawe**

1. ibiryo - mbere - - yo - neza - Dukanjakanja - kubimira.
2. kurya – Reka – njonjori – izo.
3. imvura – Ejo – iteye – ubwoba – haguye.
4. umusatsi – afite – urimo – Samvura – imvi.
5. Nganji – ibijumba – aratoragura.

**13.Shyira urutoki munsi ya buri jambo maze usome agakuru gakurikira.**

Samvura yabuze ababyeyi be akiri uruhinja. Yakiriwe n'umuryango wa Nganji. Nganji afata Samvura amwinjiza mu muryango we maze arerwa neza. Samvura abona ibikoresho byose akeneye. Ubu, Samvura yiga mu wa kabiri ku kigo cya Janja. Samvura si injiji. Yamenye gusoma no kwandika. Samvura agira isuku byahebuje. Nta mvuvu agira ku mubiri. Asubiza neza ibyo abajijwe kandi yirinda kuvuga amahomvu.

**Subiza ibibazo ku gakuru**

1. Ni ibihe byiza byo kurererwa mu muryango?
2. Uzuza iyi nteruro ukurikije ibyo wasomye mu gakuru.

Samvura yitwara neza kuko .....

**14.Fora ndi nde.**

a) Ndi umweru, mba ku mutwe w'abantu bashaje.
Fora ndi nde?

b) Ndi ikinyabiziga kinini, nikorera imitwaro.
Fora ndi nde?

## 1 Nyanjongo yaretse kwigunga



## 2



Imvubu Nyanjongo yabaga yonyine. Yahoraga yigunze. Ababyeyi bayo bari baragiye gutembera mu nyanja, irababura.

3



Nyanjongo yaryamaga ku nkombe yigunze. Umunsi umwe ibona izindi mvubu zikina mu mazi zisakuza.

4



Nyanjongo igira ubwoba, yinjira mu misitwe iri ku nkombe aho ku nyanja. Imara iminsi yihishemo maze ubukonje burayitaha itangira kwikunja.

5

Hafi aho haza imvubu zikinira iruhande rwa Nyanjongo. Imvura yaratonyangaga, Nyanjongo izumvise itangira gusohoka.

6



Imvubu Nyanjongo ikomeza gutega amatwi maze isohoka aho yari yihishe. Izindi mvubu ziyibonye ziratangara cyane.

7

Izo mvubu zibaza Nyanjongo impamvu yigunze yonyine. Maze zihamagara Nyanjongo zirakina.

8

Izo mvubu zitahana  na Nyanjongo iwabo. Nyanjongo yishimira kwakirwa muri uwo muryango.

9

Iyo zakinaga, Nyanjongo yakinaga yishimye ivuga iti: “Kuba mu muryango ni byiza, gukina ni byiza.”

**Subiza ibibazo ku nkuru**

1. Ni izihe nyamaswa zivugwa muri iyi nkuru?
2. Ni iki cyatumye Nyanjongo ireka kwigunga?
3. Ubonye mugenzi wawe yigunze, wamufasha iki?
4. Kuki gukina n’abandi ari byiza?
5. Ababyeyi ba Mvebuka na Semvubu bakoreye iki Nyanjongo?

**Uzuza iyi nteruro**

_____ ziba mu ruzi.

Amategeko y'ishuri

## Ibihekane mp/mp, jy/jy.

**1. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

**2. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

imparage

**3. Soma, tahura umubare w'igihekane mp kiri muri aya magambo n'interuro.**

1. impapuro 2. impombo.

Mpa izo mpu zavuye mu mpinga.

**4. Itoze kwandika aya magambo n'interuro unoza mu mukono.**

1. impuha 2. impitagihe

Jyo ababyeyi bishimye baruza impundu.

**5. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

urujyo

**6. Soma, tahura umubare w'igihekane jy kiri muri aya magambo n'interuro.**

1. umujyojyo 2. amajyaruguru

Mujyanama yagiye mu majyaruguru.

**7. Itoze kwandika aya magambo n'interuro unoza mu mukono.**

1. Mujyambere 2. umujyanama

Amajyambere araharanirwa.

**8. Tondeka imigemo ukore amagambo kandi uyandike mu mukono mu ikayi yawe.**

jyo – u – jyo - mu

nja – i – mpi

no - mpa - i

nge – i – nge – mpu

jyo – u – ru

re – Jya – mbe

**9. Uzurishamo jy cyangwa mp wandike mu mukono kandi usome amagambo ubonye.**

| | |
|---|---|
| Ama___ambere | i___indu |
| uru___o | ra - ma - jyo - a |
| i___inja | |

**10. Hitamo amagambo wuzuze interuro maze uzandike mu mukono.**

impungenge impuha impundu majyaruguru

1. Si byiza guhora ufite _____.
2. Mujyambere atuye mu _____.
3. Nimuze twishime, turirimbe, tuvuze_____.
4. Ntugakwirakwize _____.

**11. Wifashishije amagambo akurikira, kora interuro uzandike mu mukono mu ikayi yawe.**

| | |
|---|---|
| kujya | impano |
| impagarara | umujyojyo |
| impu | imparage |
| amajyambere | kujya |

**12. Tondeka amagambo ukore interuro maze uzandike mu mukono mu ikayi yawe**

1. Abana-rimwe-bavukiye-babita-impanga
2. urujyo - Kurira - ni - mu - bibi.
3. Wampaye - ejo - umujyojyo - nzahingisha.
4. impu - Imparage - nziza - zigira.

**13.Shyira urutoki munsi ya buri jambo maze usome agakuru gakurikira.**

Majyambere na Mpano biga mu majyaruguru. Ntibajya bakererwa kugera ku ishuri. Ntibajya basiba ishuri. Abarezi bose bahora babashima. Abandi banyeshuri babareberaho urugero rwiza. Basubiza neza ibyo abarezi bababajije. Bavugisha ukuri buri gihe. Bakora neza imikoro yo ku ishuri no mu rugo. Babana na bagenzi babo neza. Ntibajya bangiza impapuro zo mu bitabo byabo. Bahorana isuku ku mubiri no ku myambaro yabo. Majyambere na Mpano bubahiriza amategeko yose y'ishuri.

**Subiza ibibazo ku gakuru**

1. Nyuma yo kumva imyitwarire ya Majyambere na Mpano ufashe izihe ngamba?
2. Uzuza iyi nteruro ukurikije ibyo wasomye mu gakuru.

Majyambere na Mpano bakora neza .....

1

# Nkunda ishuri ryacu

2



Ishuri ryacu ryubatse mu mpinga hejuru ku musozi. Iyo tujyayo turawuterera, tukagira impumu.

3

Tujya ku ishuri dukina twishimye, kuko tuhigira ubwenge butandukanye.

4

Mbere yo kujya kwiga sinari nzi gusoma.
Ubu narabimenye, nashobora gusoma ibyanditse ku mpapuro nkanabisobanura.

5

Mbere yo kujya kwiga sinari nzi kubara, kwandika no gushushanya. Nyamara ubu ndabizi. Nzi gushushanya umujyojyo, impara n'imparage. Nzi no gushushanya ibinyampande bitandukanye.

6

Abarimu bacu turabakunda cyane.
Badutoje gukundana no kubana neza hagati yacu.

7

Ababyeyi bacu badutoje kubaha abaturera no gukurikiza inama abajyanama batugira ku buzima.

8

Badutoje kuzinduka tujya mu mirimo no gukora imikoro yose baduhaye. Badutoje kugira isuku ku mubiri no gutunganya aho tuba.

## 9 Itegereze aya mashusho, uvuge uko byagenze mu nkuru umaze gusoma.

**Subiza ibibazo ku nkuru**

1. Uyu mwana avuga ko ishuri ryabo ryubatse he?
2. Ni ibiki uyu mwana avuga ko akesha kwiga?
3. Rondora ibyo umunyeshuri avuga ko abarimu babo babatoje.
4. Wowe hari ibyo umaze kungukira ku ishuri wigaho? Bivuge.

**Uzuza iyi nteruro**

Abarimu bacu badutoje_____.

## Kuvugisha ukuri

**1. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**



**2. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

ipfundo

**3. Soma, tahura umubare w'igihekane pf kiri muri aya magambo n'interuro.**

1. igipfunsi 2. igipfuko Ikimasa kigira ipfupfu.

**4. Itoze kwandika aya magambo n'interuro unoza mu mukono.**

1. ikinyabupfura 2. umupfapfa

Urupfu rutera abapfushije agahinda.

**5. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

guhozwa

**6. Soma, tahura umubare w'igihekane zw kiri muri aya magambo n'interuro.**

1. gukizwa 2. kwizezwa Gato ahazwa n'ibintu bikeya.

**7. Itoze kwandika aya magambo n'interuro unoza mu mukono.**

1. kozwa 2. Mukizwa Si byiza kurizwa n'ubusa.

**8. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

umunwa

**9. Soma, tahura umubare w'igihekane nw kiri muri aya magambo n'interuro.**

1. ibinwete 2. amasiganwa Gusiganwa bitera impumu.

**10. Itoze kwandika aya magambo n'interuro unoza mu mukono.**

1. kunwigira Iyo ihene zirishije mu kime zirwara ibinwete.

**11. Tondeka imigemo ukore amagambo kandi uyandike mu mukono mu ikayi yawe.**

| | |
|---|---|
| Ya – ri – nwa | u – pfa – mu – pfa |
| pfu – i – nsi - gi | nwa – mu – u |
| nwa – mi – i | ko – gi – i – pfu |

**12. Uzurishamo pf, zw cyangwa nw wandike mu mukono kandi usome amagambo ubonye.**

| | |
|---|---|
| amasiga___a | Gu___ukama |
| ikinyabu___ura | amamini___a |
| kuba___a | Guha___a |

**13. Hitamo amagambo wuzuze interuro maze uzandike mu mukono.**

Mudaheranwa ipfupfu ikinyabupfura amapfa ashobozwa

1. Iyo izuba rimaze igihe kirekire ritera _____.
2. Mujye mugaragaza_____ aho muri hose.
3. Ikimasa cya _____gifite_____rinini.
4. _____ byose no gukora cyane.

**14. Wifashishije amagambo akurikira, kora interuro uzandike mu ikayi yawe.**

| | |
|---|---|
| ikinyabupfura | gutizwa |
| amapfa | ibinwete |
| akananwa | gusiragizwa |
| umunwa | umupfundikizo |

**15. Tondeka amagambo ukore interuro maze uzandike mu mukono mu ikayi yawe**

1. afite - burebure - Mukizwa - ubwanwa.
2. amapfa - izuba - ritera - Iyo - ryavuye - kirekire - igihe.
3. umupfundikizo - amazi - Zana - uwo - dupfundikire.
4. ku - Reka - amamininwa - kwisiga - munwa.
5. kubahirizwa - agomba - Amategeko.

**16.Shyira urutoki munsi ya buri jambo maze usome agakuru gakurikira.**

Mukizwa na Bwiza bavuye kuvoma bageze mu nzira batangira gukina. Bafata umugozi bawupfundika ku giti batangira kwirira umunyenga. Bwiza ahanuka mu kirere no hasi ngo "Piiii!" Nuko akomereka akananwa n'umunwa. Mukizwa na Bwiza bageze mu rugo bwije. Iwabo bababaza impamvu batinze, Mukizwa asubiza arya iminwa ariko nyina ababazwa n'uko atavugisha ukuri. Bwiza we yihutira kuvugisha ukuri. Nuko bihutira kuzana igipfuko baramupfuka.

**Subiza ibibazo ku gakuru**

1. Ni iki unenga abavugwa mu nkuru? Ni iki ubashima?
2. Uzuza iyi nteruro ukurikije ibyo wasomye mu gakuru.

Bwiza yihutiye.....

**17.Fora ndi nde.**

**a)** Ndi agatambaro kagomba kugirirwa isuku. Bankoresha bakomeretse nkarinda igisebe umwanda na za mikorobi.

**b)** Meze nk'umusatsi, ngatura ku matama, ku munwa no ku kananwa k'abagabo. Fora ndi nde?

1

# Ukuri n'ikinyoma

2

Nezezwa no kuvugisha ukuri, bimfitiye akamaro kanini, bimpa kwizerwa. Kugira ngo ngire icyo ngeraho, ni uko abo tubana bagomba kunyizera.

3

Kuvugisha ukuri ni ubupfura. Bintera ishema bikandinda ipfunwe. Uvuga ibinyoma, ababazwa n'uko bamwita umupfapfa, imigambi ye igapfuba.

4



Bimfasha kwibuka neza ibintu byose, kuko kuvuga ibinyoma biravuna no kwibuka abo wabibwiye bose bikagora.

5

Kuvugisha ukuri bimfasha kugirana ubucuti bwiza na bagenzi bange. Baranyizera kandi bakankunda.

6

Bimfasha gusinzira mu mutuzo. Bindinda kurya iminwa, iyo nganira na bagenzi bange.

7

Ikinyoma gitanya abakundana, kigabanyiriza umuntu ikizere. Ahanini birangira kimenyekanye, bigatera nyiracyo ipfunwe.

**Subiza ibibazo bikurikira**

1. Kuvugisha ukuri bifite akahe kamaro?
2. Kuki umuntu ubeshya atagira amahoro mu mutima?
3. Ni gute kuvugisha ukuri bifasha umuntu kubona inshuti?
4. Wigeze ubona umuntu uvuga ibinyoma? Byagenze bite?
5. Ni izihe ngaruka z'ikinyoma?

**Uzuza iyi nteruro**

Uvuga ibinyoma ahorana _____

## Isuku y'aho barara

**1. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

**2. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

insina

**3. Soma, tahura umubare w'igihekane ns kiri muri aya magambo n'interuro.**

1. insinga 2. insokozo

Umunsi Nsabimana ansigira terefoni barampamagaye.

**4. Itoze kwandika aya magambo n'interuro unoza mu mukono.**

1. inseko 2. Nsanganira

Insina za Mukansanga zera ibitoki binini.

**5. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

imbyeyi

**6. Soma, tahura umubare w'igihekane mby kiri muri aya magambo n'interuro.**

1. imbyino 2. kurumbya

Mbyariyingabo yambyiniye imbyino za kera.

**7. Itoze kwandika aya magambo n'interuro unoza mu mukono.**

1. imbyiro 2. imbyaro

Mukambyeyi na Kanyombya ni abarirambyi beza.

**8. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

ibishyimbo

**9. Soma, tahura umubare w'igihekane shy kiri muri aya magambo n'interuro.**

1. Shyirambere 2. ishyaka

Shyaka ashyiriye Muhashyi ibitabo bishyashya.

**10. Itoze kwandika aya magambo n'interuro unoza mu mukono.**

1. amashyo 2. gushyushya

Munyeshyaka arashyushya ibiryo.

**11. Tondeka imigemo ukore amagambo kandi uyandike mu mukono mu ikayi yawe.**

| | |
|---|---|
| nsi – l – nga | ba - a - ri - mbyi - ri |
| mbya - ru - ku | shyi - u - ru |
| shyi - i - ha - ra - mwe | mu - u - nsi |

**12. Uzurishamo ns, mby, shy wandike mu mukono kandi usome amagambo ubonye.**

| | | |
|---|---|---|
| i___akazamajwi | i____o | i___ino |
| i___eyi | ubu___uhe | i____aro |

**13. Hitamo amagambo wuzuze interuro maze uzandike mu mukono.**

inyombya, arashyushya, Abaririmbyi, icyansi, ishyamba

1. Intashya yagiye gusura _____.
2. _____ bararirimba injyana ituje.
3. Sembyeyi aroza _____.
4. Mukansoro_____ ibiryo.
5. Mukunzi aratema ibiti mu_____.

**14. Wifashishije amagambo akurikira, kora interuro uzandike mu mukono mu ikayi yawe.**

| | | |
|---|---|---|
| imirishyo | inseko | Nsabimana |
| amashyushyu | insakazamajwi | Nsengiyumva |
| insanganyamatsiko | imbyino | Mukambyeyi |
| insokozo | imbyiro | arashyushya |

**15. Tondeka amagambo ukore interuro maze uzandike mu mukono mu ikayi yawe**

1. insinga - acuruza - Shyaka
2. urugombyi - ya - amasaka - Nshizirungu - yuzuyeho
3. umukororombya - na - Niyonsaba - babonye - Mukansoro - bicu - ku.

**16.Shyira urutoki munsi ya buri jambo maze usome agakuru gakurikira.**

Mukansoro na Gwaneza ni ababyeyi bagira ishyaka. Bakunda isuku ndetse bakayitoza n'abana babo Gwiza na Mbyeyinzima. Mu gitondo iyo babyutse bihutira gufungura amadirishya kugirango mu nzu hinjire umwuka mwiza. Bamesa kenshi ibyo kwiyorosa. Mu nzu yabo hahora isuku kuko buri munsi bahogesha amazi n' isabune. Iteka usanga bahanagura ibikoresho byo mu nzu kugirango bitazaho ivumbi ndetse bakabibika neza ku murongo.

**Subiza ibibazo ku gakuru**

1. Vuga imirimo ijyanye n'isuku ukora mu cyumba uryamamo no mu rugo iwanyu.
2. Uzuza iyi nteruro ukurikije ibyo wasomye mu gakuru.

Mu gitondo, Mbyeyinzima na Gwiza .....

1

# Dusukure aho turara

2

Shyaka na Kansinga batuye i Shyorongi.
Iyo babyutse ntibasasa uburiri bwabo.

3

Icyumba cyabo kibamo akajagari. Buri gihe, banyanyagiza amakayi yabo ku buriri.

4

Ababyeyi babatoza kubika imyenda yabo neza ariko ntibabikore. Babatoza gukubura no gukoropa aho barara ariko ntibabikore.

5



Aho barara harahindanye.
Bakora ku nkuta bafite intoki zuzuyeho imbyiro.

6

Icyumba cya Shyaka na Kansinga kirimo imbaragasa. Icyumba cya Shyaka na Kansinga kirimo umukungugu.

7

Mu kwezi kwa Gashyantare, bagiye i Kansi gusura mubyara wabo Ganza.
Buri munsi Ganza yasukuraga aho barara.

8

Buri munsi, Ganza yasasaga uburiri bwe.
Buri munsi, Ganza yasasaga uburiri bwa Shyaka na Kansinga.

9

Buri munsi, Ganza yakuburaga aho barara.
Buri munsi, Ganza yazingaga neza imyambaro yabo.

10

Shyaka na Kansinga bahakuye isomo.
Bageze iwabo bakora nka Ganza. Kuva ubwo bagasukura neza  aho barara.

## 11 Itegereze amashusho akurikira uvuge uko byagenze mu nkuru umaze gusoma

## 12 Subiza ibibazo bikurikira

1. Ni ba nde bavugwa muri iyi nkuru?
2. Ni gute usukura aho urara?
3. Ni iki Shyaka na Kansinga bari batandukaniye ho na mubyara wabo?
4. Ni izihe ngaruka zo kudasukura aho urara?
5. Iyi nkuru irangira ite?

**Uzuza iyi nteruro**

Ababyeyi ba Shyaka na Kansinga babatoza _____

## Isuku y'umubiri

**1. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

**2. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

inshira

**3. Soma, tahura umubare w'igihekane nsh kiri muri aya magambo n'interuro.**

1. inshinga 2. inshumbushanyo

Nshogoza yatakaje inshinge ze.

**4. Itoze kwandika aya magambo n'interuro unoza mu mukono.**

1. insharwatsi 2. inshuke

Munyanshongore na Nshogoza batinya inshira.

**5. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

umugwegwe

**6. Soma, tahura umubare w'igihekane gw kiri muri aya magambo n'interuro.**

1. ikigwari 2. urugwiro

Rugwiro agwa neza nka Mugwiza.

**7. Itoze kwandika aya magambo n'interuro unoza mu mukono.**

1. kugwa 2. ibigwi

Iyo ugwa neza uvugwa ibigwi.

**8. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

ikijwangajwanga

**9. Soma, tahura umubare w'igihekane jw kiri muri aya magambo n'interuro.**

1. amajwi 2. yakijijwe

Kajwiga yarakajwe n'uko yabajijwe amakosa ye.

**10. Itoze kwandika aya magambo n'interuro unoza mu mukono.**

1. byajwenze 2. yarabatijwe

Amajwi yoherejwe na radiyo aba ayunguruye.

**11. Tondeka imigemo ukore amagambo kandi uyandike mu mukono mu ikayi yawe.**

ke - i - nshu

gwi - i - bi

nga - i - nshi

nga - i - nga - jwa - ki - jwa

za - u - gwa - bu - ne

ra - ku - jwi - gi

**12. Uzurishamo nsh, gw, jw wandike mu mukono kandi usome amagambo ubonye.**

Iki___anga___anga

yaraka___e

ku___ingira

umu___e___e

i___umbushanyo

ku___igira

**13. Hitamo amagambo wuzuze interuro maze uzandike mu mukono.**

nshundura, yabajijwe, yoherejwe, Urusamagwe

1. Gwiza_____ mu Bigogwe
2. Dushime _____asubiza neza cyane.
3. Zana izo _____ tuge kuroba amafi.
4. _____ ruba mu ishyamba.

**14. Tondeka amagambo ukore interuro maze uzandike mu mukono mu ikayi yawe**

1. Nshozamihigo - imigwegwe - yo - araca - kuboha.
2. urugwiro - agira - Nshogoza.
3. ibigwi - Munyanshongore - yivuga - mu - ijwi - rinini.
4. munsi - Uyu - twize - ingombajwi.

**15.Shyira urutoki munsi ya buri jambo maze usome agakuru gakurikira.**

Inshira n'ikijwangajwanga byahuriye mu nzira nuko biraganira bihuza urugwiro. Inshira ibaza ikijwangajwanga iti: "Mugenzi wange wandangira umuti watuma ngira uruhu rwiza nk'abandi?" Ikijwangajwanga kirasubiza kiti: "Ukwiriye gukaraba kenshi ku munsi, kandi ukamesa imyambaro yawe, ukayitera ipasi." Inshira yishimira inama ihawe na yo iti: "Ariko mugenzi wange, nawe ugerageze uge woga mu kanwa ukoresheje amazi meza n'umuti w'amenyo kugira ngo nawe ugire impumuro nziza mu kanwa."

**Subiza ibibazo ku gakuru**

1. Uramutse uhuye n'umwana usa nabi ku mubiri wamugira izihe nama?
2. Uzuza iyi nteruro ukurikije ibyo wasomye mu gakuru.

Ikijwangajwanga kirasubiza kiti: " .....

**14.Shaka mu mirongo ihagaze y'iki kinyatuzu amagambo arimo igihekane nsh, gw, jw, shy, mby, ns uyandike mu ikayi yawe mu mukono.**

| | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| **i** | g | a | j | f | d | k |
| **n** | u | h | i | s | e | u |
| **s** | g | i | h | i | p | r |
| **h** | u | m | b | n | c | e |
| **a** | b | i | c | m | i | m |
| **r** | u | s | t | b | s | b |
| **w** | s | o | i | e | h | y |
| **a** | h | g | n | s | y | a |
| **t** | y | w | s | h | a | k |
| **s** | u | e | i | y | m | i |
| **i** | h | p | n | a | b | j |
| t | e | w | g | o | a | w |
| u | v | y | a | n | m | i |
| w | y | z | n | u | l | t |

## 1 Nshizirungu n'amatungo ye

## 2

Nshizirungu yorora amatungo menshi. Yorora inka, ihene, inkoko, intama, ihuku kandi akorora ingurube.

3



Igihe kimwe, ayo matungo yatangiye kutumvikana. Nuko inka ibwira ihuku iti: “Nanga ko urya utakarabye, kandi kujwigira kwawe kumbuza kwisinzirira.”

4

Ihene na yo ibwira ingurube iti: “Nge nanga ko wivuruguta mu byondo ugahindana.”

5

Ingurube na yo ibwira inkoko iti: “Nge nanga ko unyanyagiza amatotoro yawe mu rugo hose.”

6

Inkoko na yo ibwira intama iti: “Amaganga yawe aranukira.”

7

Nshizirungu abona ko ya matungo atakigira urugwiro hagati yayo. Atangira kwibaza uko yabigenza.

8

Nshizirungu aganiriza ya matungo mu ijwi rituje. Arayabwira ati: “Buri tungo rifite akamaro.”

9

Nuko Nshizirungu avuga ibigwi bya buri tungo agaragaza akamaro ka buri ryose. Amatungo atangira kugira isuku no kubana neza.

**Subiza ibibazo ku nkuru**

1. Ni ayahe matungo Nshizirungu yari yoroye?
2. Nshizirungu yakoze iki kugira ngo agarure urugwiro mu matungo ye?
3. Ni gute ukora isuku y'umubiri wawe?
4. Ni izihe ngaruka z'umwanda ku mubiri?
5. Ni iyihe nyigisho ukuye muri iyi nkuru?

**Uzuza iyi nteruro**

Nshizirungu_____.

## Ibikoresho by'ikoranabuhanga

### Ibihekane nny/nny, nyw/nyw

1. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.



2. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.

ababyinnyi

**3. Soma, tahura umubare w'igihekane nny kiri muri aya magambo n'interuro.**

1. umukinnyi 2. ubunnyano

Abana bakunda kujya kurya ubunnyano.

**4. Itoze kwandika aya magambo n'interuro unoza mu mukono.**

1. ikinnyeteri 2. kunnyega

Umukinnyi udakora imyitozo aba ikinnyeteri.

**5. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

kunywa

**6. Soma, tahura umubare w'igihekane nyw kiri muri aya magambo n'interuro.**

1. amanywa 2. urunywero

Kunywa amazi ni ingenzi ku buzima.

**7. Itoze kwandika aya magambo n'interuro unoza mu mukono.**

1. umunywi 2. Rwamanywa

Ku manywa iyo izuba riva ni ho tunywa amazi menshi.

**8. Tondeka imigemo ukore amagambo kandi uyandike mu mukono mu ikayi yawe.**

nywa - Rwa - ma

nywi - u - mu

mu - u - ka - nnyi

ga - nnye - ku

nywa - ku

nnyi - ku - ra - gi

**9. Uzurishamo nny, nyw, wandike mu mukono kandi usome amagambo ubonye.**

| | | |
|---|---|---|
| umuki___i | Ku____a | Umuka____i |
| Nyirama ___a | Umu____anyi | Uru____ero |

**10. Hitamo amagambo wuzuze interuro maze uzandike mu mukono.**

ubunnyano Ababyinnyi baramunnyega Kunywa

1. _____ baba baragoroye imbavu.

2. _____ amazi kenshi biraruhura.

3. Ku munsi wo kurya_____ abana baridagadura.

4. Yaje kwiga atakarabye abandi bana _____.

**11. Wifashishije amagambo akurikira, kora interuro uzandike mu mukono mu ikayi yawe.**

| | |
|---|---|
| kunnyega | umubyinnyi |
| ubunnyano | urunywero |
| amanywa | Rwamanywa |
| umunywi | umukannyi |

**12. Tondeka amagambo ukore interuro maze uzandike mu mukono mu ikayi yawe**

1. barakundana - babyinana - Ababyinnyi - cyane.
2. bibi - itabi - Kunywa - Ni - ririca.
3. mu - ruhu - bakora - Abakannyi - imyenda.
4. dukunda - Kanywabahizi - cyane - umukinnyi - ni.
5. kiza - yanywaga - Injangwe - ikivuguto.

**13.Shyira urutoki munsi ya buri jambo maze usome agakuru gakurikira.**

Rwamanywa ni umubyinnyi ugendana n'igihe. Iyo ari mu myitozo afungura radiyo ikamucurangira agakora imyitozo ku buryo bworoshye. Iteka yifashisha mudasobwa mu gusoma amakuru agezweho. Umunsi umwe yitabiriye amarushanwa yo kubyina. Asanga abo bagomba kurushanwa ni ibinnyeteri. Yarabyinnye, abanywanyi be baranezerwa batangira kumukomera mu mashyi, ndetse birangira ari we utwaye igikombe. Nuko Rwamanywa ahembwa Terefoni nziza.

**Subiza ibibazo ku gakuru**

1. Watanga iyihe nama kuri mugenzi wawe witegura amarushanwa yo kubyina?
2. Uzuza iyi nteruro ukurikije ibyo wasomye mu gakuru.

Rwamanywa agendana n'igihe kuko .....

## 1 Ababyinnyi baramenyekanye

## 2

Munywanyi, Murerwa na Mukannyi ni abaturanyi. Bose ni ababyinnyi bashinze itorero rikomeye mu mudugudu.

3

Abo babyinnyi bahora mu myitozo, haba mu gitondo, ku manywa na nimugoroba. Babyina bambaye imyenda ikannye mu ruhu rwiza.

4

Babyinana umurava, nta kinnyeteri kibabamo. Ababasuye bose, barabasusurutsa.

5

Abanyamakuru baje bitwaje ibyuma byo kubafata amajwi no kubafata amafoto. Itorero ribakiriza indirimbo mu majwi meza. Ababyinnyi na bo babakiriza umudiho utagira uko usa.

6

Abanyamakuru bagirana ikiganiro na Munywanyi, Murerwa  na Mukannyi. Barangije barabafotora kandi babafata amajwi.

7

Mu minsi mike, ikiganiro bagiranye gica kuri tereviziyo no kuri radiyo. Icyo kiganiro gituma iryo torero rimenyekana mu Gihugu cyose.

8

Ubu Munywanyi, Murerwa na Mukannyi batumirwa hirya no hino bagahimbaza ibirori. Bose bashima itumanaho ryatumye bamenyekana.

**9** **Itegereze amashusho akurikira uvuge uko byagenze mu nkuru umaze gusoma.**

**10** **Subiza ibibazo ku nkuru**

1. Ni ba nde bavugwa muri aka gakuru?
2. Byagenze bite kugira ngo itorero ryabo rimenyekane?
3. Ni ibihe bikoresho by'itumanaho n'ikoranabuhanga uzi. Bikora iki?
4. Ni iki wigiye kuri aka gakuru?

**Uzuza iyi nteruro**

Ikiganiro_____ bagiranye cyaciye_____.

Gufata neza ibikoresho by'ikoranabuhanga

**1. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

**2. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

injyo

**3. Soma, tahura umubare w'igihekane njy kiri muri aya magambo n'interuro.**

1. injyana 2. njyanira

Nuva ku kazi unjyanire umwana mu rugo.

**4. Itoze kwandika aya magambo n'interuro unoza mu mukono.**

1. Njyamubiri 2. yanjyanye

Nkunda injyana y'ingoma z'iwacu.

**5. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

ingwe

**6. Soma, tahura umubare w'igihekane ngw kiri muri aya magambo n'interuro.**

1. ingwa 2. Ngwabije

Ingwe ni inyamaswa irya inyama.

**7. Itoze kwandika aya magambo n'interuro unoza mu mukono.**

1. ingweba 2. ingwate

Ngwije yatanze ingweba ye ho ingwate ngo bamugurize agure inzu.

**8. Tondeka imigemo ukore amagambo kandi uyandike mu mukono mu ikayi yawe.**

njyo - i

na - i - njya

re - u - ni - njya

ngwe - i - ba

te - ngwa - i

yi - Ka - ngwa - ra

**9. Uzurishamo njy, ngw, wandike mu mukono kandi usome amagambo ubonye.**

ibishi___e _____anira

i ___ana i_____izamurongo

ibihi___ a i_____o

**10. Hitamo amagambo wuzuze interuro maze uzandike mu mukono.**

Njyanira ingwa ibihingwa injyana

1. Inanga igira _____ ishimisha abasaza.
2. Ifumbire ifasha_____ gukura neza.
3. _____ aya mazi mu rwiyuhagiriro.
4. Mu cyaro bakunda gusiga _____ ku mazu yabo.

**11. Tondeka amagambo ukore interuro maze uzandike mu mukono mu ikayi yawe.**

1. injyana - Radiyo - zinyuranye - itugezaho.
2. ibihingwa - zuhira - imashini - Twabonye.
3. Njyunguri - ku - icuraburindi - yasezeye.
4. ingweba - borora - imbere - Biteje.
5. Njyunguri - Kantengwa - na - intangarugero - babaye.

**12. Wifashishije amagambo akurikira, kora interuro uzandike mu mukono mu ikayi yawe.**

| | |
|---|---|
| injyo | Mukangwije |
| ingwate | ingwa |
| ibihingwa | uzanjyana |

**13.Shyira urutoki munsi ya buri jambo maze usome agakuru gakurikira.**

Nitwa Njyamubiri. Norora ingweba. Nahisemo kugura akamashini kamfasha gukama byihuse. Iyo mpumuje, nihutira koza neza ako kamashini n'amazi n'isabune. Sinjya nibagirwa kukabika ahabugenewe kugira ngo katazana umugese. Ingweba zange zororerwa mu kiraro. Iyo ngiye kuzigaburira, ncagagura ubwatsi nifashishije akamashini kabugenewe. Iyo ndangije kugaburira ingweba zange, mpanagura ka kamashini nkakabika. Sinjya nibagirwa kukabika ahantu humutse.

**Subiza ibibazo ku gakuru**

1. Ni utuhe dukoresho tw'ikoranabuhanga mubona aho mutuye? Dufatwa dute?
2. Uzuza iyi nteruro ukurikije ibyo wasomye mu gakuru.

Njyamubiri yaguze akamashini kamufasha .....

## 1 Iterambere ryabagezeho

## 2

Njyunguri na Kantengwa batuye hafi ya Nyungwe. Biteje imbere borora ingweba itanga umukamo utubutse.

3

Ingweba yabo yinjiza amafaranga atari makeya. Baguze ipikipiki iborohereza kugemura amata no kugeza umusaruro ku isoko.

4

Mu gitondo, bakora isuku bumva injyana nziza za burakeye kuri radiyo, hanyuma bagakama. Bafumbiza imirima yabo ibishingwe.

5



Mu minsi ishize, begerejwe amazi n'amashanyarazi. Batanze ingwate muri banki bakurura amazi kandi bazana umuriro.

6

Kwa Njyunguri na Kantengwa basezeye ku icuraburindi. Tereviziyo yabagezeho, ubu bakurikira amakuru yose iyo bakitse imirimo.

7

Njyunguri na Kantengwa babaye intagarugero mu mudugudu. Ubuyobozi bwarabasuye bubahemba terefone kandi bubaha akamashini gakama inka.

8

Byabateye kwishima barushaho korora ingweba yabo kijyambere. Umukamo uriyongera, ubu basigaye bakamisha akamashini bahawe.

9

Njyunguri na Kantengwa baratunze baratunganirwa. Bakangurira abandi kwita ku ikoranabuhanga no kwiteza imbere.

**Subiza ibibazo ku nkuru**

3. Ni irihe terambere ryageze kwa Njyunguri na Kantengwa?
4. Ni ibihe bikoresho by'ikoranabuhanga mutunze iwanyu mu rugo?
5. Iyi nkuru ikwigishije iki?

**Uzuza iyi nteruro**

Njyunguri na Kantengwa bakangurira abandi _____.

## Gufata neza ibikoresho by'ikoranabuhanga

**1. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

**2. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

umushwi

**3. Soma, tahura umubare w'igihekane shw kiri muri aya magambo n'interuro.**

1. umushushwe 2. gushwekura

Ibishishwa by'ibihingwa bivamo ifumbire.

**4. Itoze kwandika aya magambo n'interuro unoza mu mukono.**

1. gushwanyaguza 2. igishwi

Si byiza gushwana mu mukino.

**5. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

imbwa

**6. Soma, tahura umubare w'igihekane mbw kiri muri aya magambo n'interuro.**

1. imbwirwaruhame 2. umukambwe

Mbwiza ukuri niba mufite imbwa iwanyu.

**7. Itoze kwandika aya magambo n'interuro unoza mu mukono.**

1. guhembwa 2. imbwebwe

Mbwira ubwo busembwa tuzabukosore.

**8. Tondeka imigemo ukore amagambo kandi uyandike mu mukono mu ikayi yawe.**

bwe - i - mbwe

shwa - bi - i - shi

ra - i - ga - shwa

mbwe - u - ka - mu

**9. Uzurishamo shw, mbw, wandike mu mukono kandi usome amagambo ubonye.**

igi___emu

Ruga____a

umuka___e

gu_____anyaguza

gu____iragira

ibitu____e

**10. Hitamo amagambo wuzuze interuro maze uzandike mu mukono.**

Imbwija ishwagara Ibishishwa Imbwa

1. Ubutaka bwabo bukize ku _____.
2. _____ binyanyagiye mu rutoki.
3. _____ igira amahane iraryana.
4. _____ ni imboga nziza.

**11. Wifashishije amagambo akurikira, kora interuro uzandike mu ikayi yawe.**

gushwanyaguza

ubushwambagara

intambwe

Rugambwa

urushwima

ibishwi

imbwebwe

imbwija

**12. Tondeka amagambo ukore interuro maze uzandike mu mukono mu ikayi yawe**

1. ibishishwa - Ingweba - ikunda.
2. imboga - Imbwija - ni - nziza.
3. ndende - intambwe - Mugishwanama - agira.
4. washwiragiye - yabonye - Rugamba - umukambwe.
5. akoresha - Rudasumbwa - radiyo - neza.

**13.Shyira urutoki munsi ya buri jambo maze usome agakuru gakurikira.**

Iwacu dutunze imbwa yitwa Tobi. Iyo mbwa irakubagana cyane. Rimwe, iwacu haje umukambwe asanga data na mama badahari. Tobi iramushwiragiza aririruka ata terefoni ye. Tobi ikinisha ya terefoni irayishwanyaguza. Umukambwe aratabaza ati: “Imbwa intesheje terefoni.” Ababyeyi bange bahita batabara baraza bambura imbwa terefoni. Babuza Tobi kujya yangiza terefoni n’ibindi bikoresho. Nuko bajya gukoresha terefoni ya wa mukambwe.

**Subiza ibibazo ku gakuru**

1. Uhuye n’umwana mugenzi wawe ari mu kibazo wakora iki ngo umutabarize?
2. Uzuza iyi nteruro ukurikije ibyo wasomye mu gakuru.

Dukwiriye gufata neza .....

1

## Rudasumbwa yarikosoye

2

Rudasumbwa na Mutarushwa babana na sekuru. Sekuru ni umukambwe. Uwo mukambwe afite radiyo na tereviziyo.

3

Abuzukuru be bakunda kubikoresha iyo barangije umukoro. Mutarushwa yita ku ikoreshwa neza ryabyo.

4

Iyo imvura ikubye, Mutarushwa yihutira kubizimya byose. Aba yirinda inkuba yabikubita ikabishwanyaguza.

5

Rudasumbwa we ntiyita ku ikoreshwa ryabyo. Umunsi umwe, yatuye terefoni mu mazi irapfa.

6



Undi munsi, Rudasumbwa atura  radiyo hasi maze irapfa. Ibyo bibabaza Mutarushwa hamwe na sekuru.

7

Umukambwe Sekuru ahora amubwira ati: “Uramenye uramenye! Jya ufata neza ibi bikoresho, bidufitiye akamaro.”

8

Ubu, Rudasumbwa yarikosoye, afata neza ibyo bikoresho. Arabifungura, akabifunga yitonze maze umukambwe akanezerwa.

**9** **Itegereze amashusho akurikira uvuge uko byagenze mu nkuru umaze gusoma.**

**Subiza ibibazo ku nkuru**

1. Ni ba nde bavugwa muri aka gakuru?
2. Ni ibihe bikoresho by'itumanaho bari batunze?
3. Ni iyihe myifatire myiza wakwigira kuri Mutarushwa?
4. Kuki ari ngombwa kuzimya radiyo na tereviziyo iyo imvura iguye?
5. Ni iyihe nyigisho ukuye muri iyi nkuru?

**Uzuza iyi nteruro**

Rudasumbwa yarikosoye _____.

## Gufata neza ibikoresho by'ikoranabuhanga

**1. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

**2. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

imfunguzo

**3. Soma, tahura umubare w'igihekane mf kiri muri aya magambo n'interuro.**

1. imfuruka 2. imfashanyo

Mfizi yataye imfunguzo mu mfuruka.

**4. Itoze kwandika aya magambo n'interuro unoza mu mukono.**

1. imfabusa 2. imfura

Iyi mfizi imfatiye runini mu nka zange.

**5. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

**6. Soma, tahura umubare w'igihekane ndw kiri muri aya magambo n'interuro.**

1. Nyandwi 2. umusundwe

Ndwaniye nta ndwara afite.

**7. Itoze kwandika aya magambo n'interuro unoza mu mukono.**

1. guhandwa 2. isindwe

Murindwa akundwa na bose.

**8. Tondeka imigemo ukore amagambo kandi uyandike mu mukono mu ikayi yawe.**

| | | |
|---|---|---|
| zi - i - mfi | ru - i - ka - mfu | mfu - i - ra |
| he - gu - ndwa | ndwe - mu - u - su | ra - i - ndwa |

**9. Uzurishamo mf, ndw wandike mu mukono kandi usome amagambo ubonye.**

| | |
|---|---|
| i____abusa | inku____akazi |
| i___ura | i____ara |
| guha____a | i____undiko |

**10. Hitamo amagambo wuzuze interuro maze uzandike mu mukono.**

imfizi  bakundwa  Imfura  indwara

1. _____ na se barangana.
2. Abana_____ na bose.
3. Urushwima ni_____ ikomeye.
4. Inyana yarinze ikenera_____.

**11. Tondeka amagambo ukore interuro maze uzandike mu mukono mu ikayi yawe.**

1. ninjire - umuryango - Mfungurira.
2. mu - miryango - nizakirwe - Imfubyi.
3. zibasiye - wacu - umukecuru - Indwara.
4. ukuntu - yandwaniriye - Sinzibagirwa.
5. ikiziriko - yaciye - iyo - Mumfatire - mfizi.

**12. Wifashishije amagambo akurikira, kora interuro uzandike mu ikayi yawe.**

| | |
|---|---|
| Murindwa | urumamfu |
| Mfuranzima | uburondwe |
| gukundwakaza | yamfashe |
| imfuruka | kurindwa |
| Ndwanyi | imfunguzo |

**13.Shyira urutoki munsi ya buri jambo maze usome agakuru gakurikira.**

Nitwa Murindwa. Ndi umwana w'imfura iwacu. Ndi umuhanga mu ishuri. Mu gihembwe gishize nabaye uwa karindwi. Ababyeyi bange bampembye radiyo. Buri munsi ntega amatwi ibiganiro byiza n'amatangazo. Mfite amatsiko yo kuzumva itangazo rivuga igihe tuzatangirira amashuri. Ababyeyi bange bambwiye ko radiyo n'ibindi bikoresho by'ikoranabuhanga birindwa amazi n'izuba ryinshi. Radiyo imfitiye akamaro kanini.

**Subiza ibibazo ku gakuru**

1. Uretse ibiganiro, ibindi uzi radiyo imarira abanyeshuri ni iki?
2. Uzuza iyi nteruro ukurikije ibyo wasomye mu gakuru.

Ababyeyi ba Murindwa.....

**14.Fora ndi nde.**

Nsa n'umweru, mwarimu anyandikisha ku kibaho mu ishuri. Fora ndi nde?

1

## Ikoranabuhanga iwacu

2



Nitwa Ndwaniye. Mfite imyaka irindwi. Ntuye i Bugendwa.

3

Ikoranabuhanga ryageze mu rugo rwacu. Dufite utumashini dukata ibyatsi kandi tugakata indabo mu busitani.

4

Umunsi umwe, abanyeshuri barindwi twigana baje kunsura. Bageze mu rugo basaba mama kubasobanurira uko ako kamashini gakora.

5

Mama afata imfunguzo akingura mu bubiko maze azana akamashini kamwe abereka uko gakora. Ba banyeshuri babonye ukuntu ako kamashini gakata ibyatsi vuba baratangara.

6

Akurikizaho kubereka akamashini kogosha umusatsi. Nuko afata mushiki wange amwicaza mu mfuruka maze amwogosha bareba.

7

Yongeyeho ko ibyo bikoresho bibikwa mu nzu. Ibyo bituma birindwa imvura kuko ubukonje bwabitera ingese.

8

Urugo rwacu ruragendwa cyane. Abaturanyi baba bafite amatsiko yo kureba ibyo bikoresho dutunze. Uwo munsi na bo bari bahari.

9

Buri munyeshuri yaratashye atekerereza abo babana ibikoresho bitangaje yabonye. Bahita biyemeza kubigura na bo.

**Subiza ibibazo ku nkuru**

1. Ni ibihe bikoresho by'ikoranabuhanga bivugwa muri iyi nkuru?
2. Vuga ibindi bikoresho by'ikoranabuhanga uzi. Bikoreshwa iki?
3. Ni iki wakunze muri iyi nkuru? Kubera iki?

**Uzuza iyi nteruro**

Ibikoresho by'ikoranabuhanga bibikwa

_____.

Amasoko n'ubucuruzi

## Ibihekane sw/sw, nzw/nzw

**1. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**



**2. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

umuswa

**3. Soma, tahura umubare w'igihekane sw kiri muri aya magambo n'interuro.**

1. imiswa 2. imisuswe

Mutayomba yaguye miswi na Semiswa.

**4. Itoze kwandika aya magambo n'interuro unoza mu mukono.**

1. ruswa 2. guseswa

Yahaswe ibibazo kubera gutanga ruswa.

**5. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

yahanzwe n'ihwa

**6. Soma, tahura umubare w'igihekane nzw kiri muri aya magambo n'interuro.**

1. yatsinzwe 2. Ntaganzwa

Mutaganzwa ashinzwe urubyiruko i Muyunzwe.

**7. Itoze kwandika aya magambo n'interuro unoza mu mukono.**

1. turarinzwe 2. Simpenzwe

Iyo ukunzwe na bose uba utekanye nk'urinzwe.

**8. Tondeka imigemo ukore amagambo kandi uyandike mu mukono mu ikayi yawe.**

| | |
|---|---|
| swe – ya –ku-bi | re-ku-nzwa |
| swa-i-mi | swa-u-mu |
| nzwe-ri-a | se - gu - swa |

**9. Uzurishamo sw, nzw, wandike mu mukono kandi usome amagambo ubonye.**

| | | |
|---|---|---|
| Umu___aro | yakubi___e | kure___a |
| Nziraguse__a | ari__e | kuba___a |

**10. Hitamo amagambo wuzuze interuro maze uzandike mu mukono.**

Imiswa, Muyunzwe, bakanzwe, wahinzwe, busaswa

1. Mukantaganzwa atuye i _____.
2. Simpenzwe na nyina_____na ya nyamaswa.
3. Uburiri_____buri munsi.
4. _____ yariye imbaho za Nziraguseswa.

**11. Wifashishije amagambo akurikira, kora interuro uzandike mu ikayi yawe.**

| | |
|---|---|
| Kugenzwa | Muyunzwe |
| Simpenzwe | umuswa |
| inyamaswa | yahinzwe |

**12. Tondeka amagambo ukore interuro maze uzandike mu mukono mu ikayi yawe.**

1. yaranguye - Mama - ahenzwe.
2. Semiswa - umutekano - ashinzwe- gucunga.
3. Muyunzwe - inswa - Ygiye - i - gutora.
4. Buri - busaswa - munsi - uburiri - neza.

**13.Shyira urutoki munsi ya buri jambo maze usome agakuru gakurikira.**

Mutaganzwa yagiye ku isoko yakerewe, agenda yiruka. Mu nzira yabiraga ibyuya akihanaguza umuswari. Ubwo yari agiye kugura imbaho zo kubaza. Ageze ku isoko asanga hasigaye imbaho nke azigura ahenzwe. Abura uzimutwaza yitabaza Semuswa ngo azimwikoreze. Ageze mu rugo azirambika mu gikari. Mu gitondo abyutse asanga imiswa yaziriye. Arababara agira ati: "Sinzogera kujya ku isoko nkerewe. Ngire kugura imbaho mpenzwe, ngire guhemba Semuswa ngo azinyikorere, nibucya nsange imiswa yaziriye!"

**Subiza ibibazo ku gakuru**

1. Abarezi bagutumye kugura ikintu wakwitondera iki?
2. Uzuza iyi nteruro ukurikije ibyo wasomye mu gakuru.

Mutaganzwa yaravuze ati.....

1

## Ntaganzwa ku isoko

2

Ntaganzwa atuye i Muyunzwe.
I Muyunzwe isoko rirema kabiri mu cyumweru.

3

Ntaganzwa  yajyanye na nyina kumugurira umwambaro wo kujyana ku ishuri. Mu nzira, bakanzwe na za nyirabarazana, bakeka ko ari inyamaswa ziryana.

4

Bagera ku isoko babize ibyunzwe. Basanga Mukantaganzwa yatangiye gucuruza.

5

Mu isoko hari abantu bagura, abandi bagurisha. Hari kandi abashinzwe gucunga abagenzwa no kwiba.

6

Ntaganzwa akomeza kwitegereza ibicuruzwa. Abona imodoka ya Semiswa ipakurura amakarito arimo imiswari.

7

Nuko yegera umwe mu bacuruzi bari aho, amubaza uko yabashije kugura  ikamyo.

8

Umucuruzi amugira inama nziza. Amubwira ko agomba kwirinda ubuswa mu ishuri.

9

Nuko Ntaganzwa ataha yishimye. Kuva ubwo, yiyemeza kwirinda kuba umuswa mu ishuri.

**Subiza ibibazo ku nkuru**

1. Ni ibiki Ntaganzwa byamushimishije ku isoko?
2. Ni iyihe nama umucuruzi yagiriye Ntaganzwa?
3. Ntaganzwa yishimiye inama z'umucuruzi?
4. Ni uwuhe mugambi wowe ufite kugira ngo uzagere ku iterambere?

**Uzuza iyi nteruro**

Ntaganzwa yiyemeje _____.

## Ubuhinzi n'ubworozi

**1. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

**2. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

igihwagari

**3. Soma, tahura umubare w'igihekane hw kiri muri aya magambo n'interuro.**

1. ibihuhwe 2. amahwa

Sempuhwe ntahwihwisa iyo avuga ukuri.

**4. Itoze kwandika aya magambo n'interuro unoza mu mukono.**

1. guhwitura 2. amahwemo

Yamubonye agiye guhwera amugirira impuhwe.

**5. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

inswa

**6. Soma, tahura umubare w'igihekane nsw kiri muri aya magambo n'interuro.**

1. konswa 2. nkanswe

Umwana akwiye konswa bihagije.

**7. Itoze kwandika aya magambo n'interuro unoza mu mukono.**

1. kwirukanswa 2. kuronswa

Arirukanswa no kujya gukora ikizamini.

**8. Tondeka imigemo ukore amagambo kandi uyandike mu mukono mu ikayi yawe.**

| | | |
|---|---|---|
| hwe - mpu - i | nswa - ko | a - hwe - mo - ma |
| nswa - i | hwi - hwi - sa - gu | |

**9. Uzurishamo hw, nsw, wandike mu mukono kandi usome amagambo ubonye.**

| | | |
|---|---|---|
| nka____e | umunyampu___e | ibi____agari |
| gu____ema | yo___e | i____a |

**10. Hitamo amagambo wuzuze interuro maze uzandike mu mukono.**

konswa, Umuhwituzi, zihahwa, Inswa

1. Inyama_____ku ibagiro.
2. Utwana tw'ingurube dushobora _____na nyina ari twinshi.
3. _____ azinduka akangurira abantu kujya ku murimo.
4. _____ziboneka mu gihe k'imvura.

**11. Wifashishije amagambo akurikira, kora interuro uzandike mu ikayi yawe.**

| | |
|---|---|
| guhwihwisa | impuhwe |
| inswa | arirukanswa |
| konswa | guhwera |

**12. Tondeka amagambo ukore interuro maze uzandike mu mukono mu ikayi yawe.**

1. zuzuye - muhanda - mu - Inswa.
2. Inswa - zikunda - imvura - imaze - kugwa - guhita.
3. Inyana - zonswa - na - nyina - za.
4. ibihuhwe - kawa - zirimo - Izi - byinshi.
5. na - Najyanye - ibihwagari - Nziraguseswa - gusoroma.

**13.Shyira urutoki munsi ya buri jambo maze usome agakuru gakurikira.**

Senswa yahinze ibihwagari, bimaze kwera arabisarura ahunika imifuka myinshi. Nuko aribwira ati: "Ibi bizamfasha kwirinda inzara imaze iminsi imbuza amahwemo." Umunsi umwe nsanga yatetse isosi irimo inswa, ntangazwa no kubona arya inswa zitetsemo ibihwagari. Nuko arambwira ati: "Abantu bahwihwisa ko kurya inswa ari ubukene. Nyamara hari utundi tunyamaswa duto turibwa nkanswe inswa."

**Subiza ibibazo ku gakuru**

1. Ibindi biribwa bigomba kuboneka mu mafunguro ya buri munsi ni ibihe? Bifasha iki mu mubiri?
2. Uzuza iyi nteruro ukurikije ibyo wasomye mu gakuru.

Senswa yateste.....

1

## Tumenye ibihwagari

2

Mwari muzi ibihwagari?
Reka mbabwire uko biteye kandi mbabwire akamaro kabyo kuko iwacu turabihinga.

3

Igihwagari kigira igiti kirekire. Kigira kandi ururabo runini ruzaho imbuto.
Indabo zacyo zikunze kuba ari umuhondo.

4

Ibiti by'ibihwagari birahanda, amababi yabyo na yo arahanda ariko nta mahwa bigira. Iyo ibihwagari bimaze kwera usanga bishimishije, biteye amabengeza.

5

Ibihwagari kandi ni ingirakamaro cyane.
Ni byiza kugaburira isosi yabyo abana batashoboye konswa na ba nyina.

6

Bikungahaye ku mavuta.
Amavuta yabyo arakunzwe cyane kuko nta ngaruka agira ku buzima.

**7**

Uhinze ibihwagari aronswa amafaranga atagira ingano n'inganda zibikoramo amavuta. Ntimuhweme guhinga ibihwagari.

**8**

**Subiza ibibazo ku nkuru**

1. Igihwagari ni igihingwa kimeze gite?
2. Kuki ibihwagari bishimisha kubireba iyo bimaze kuraba?
3. Kuki amavuta y'ibihwagari akunzwe cyane?
4. Vuga ibindi bihingwa biteza abahinzi imbere?

**Uzuza iyi nteruro**

Ibihwagari ni ingirakamaro kuko _____.

Uburezi

**1. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

**2. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

intwaro

**3. Soma, tahura umubare w'igihekane ntw kiri muri aya magambo n'interuro.**

1. intwererano 2. Mukantwari

Mu bukwe bwange Ntwari yarantwerereye.

**4. Itoze kwandika aya magambo n'interuro unoza mu mukono.**

1. untwarire 2. Rugemintwaza

Sentwarane yabaye intwari ku rugamba.

**5. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

guhagurutswa

**6. Soma, tahura umubare w'igihekane tsw kiri muri aya magambo n'interuro.**

1. kotswa 2. kururutswa

Nta muntu ukwiye kuvutswa ubuzima.

**7. Itoze kwandika aya magambo n'interuro unoza mu mukono.**

1. kubyutswa 2. gusetswa

Iyi nzu yubatswe n'abahanga.

**8. Tondeka imigemo ukore amagambo kandi uyandike mu mukono mu ikayi yawe.**

| | |
|---|---|
| se – gu –tswa | ru – ru – ku – tswa |
| i – ri – ntwa | gu – gu – ha – ru – tswa |
| ntwe – ra – re | ro - i - ntwa |

**9. Uzurishamo ntw, tsw, wandike mu mukono kandi usome amagambo ubonye.**

| | | |
|---|---|---|
| kururu___a | Rugemi___za | guse___a |
| ko___a | mu___arire | i___ari |

**10. Hitamo amagambo wuzuze interuro maze uzandike mu mukono.**

Intwererano, kotswa, intwari, kuvutswa.

1. _____zitangwa mu bukwe.
2. Muzage murinda abana_____n'umuriro.
3. Nta Munyarwanda ukwiye_____ amahirwe yo kwiga.
4. Umuntu wese utunganya ibyo agomba gukora ku rwego rwo hejuru aba ari_____.

**11. Wifashishije amagambo akurikira, kora interuro uzandike mu mukono mu ikayi yawe.**

| | |
|---|---|
| yasaritswe | yasutswe |
| intwari | gususurutswa |

**12. Tondeka amagambo ukore interuro maze uzandike mu mukono mu ikayi yawe.**

1. umunyeshuri - no - ahagurutswa - gusubiza.
2. duharanire - intwari - Twese - kuzaba.
3. umwana - no guhekwa - asusurutswa.
4. iki - gikapu - ntwaza.

**13.Shyira urutoki munsi ya buri jambo maze usome agakuru gakurikira.**

Rugemintwaza ni intwari. Arangwa no guha abana uburere bwiza. Ababazwa n'abana bavutswa kwiga n'ibibazo bitandukanye. Umunsi umwe, Rugemintwaza yashyiriye intwererano Munyentwari. Ageze mu nzira ahura n'abana bikinira mu muhanda. Atangazwa n'ukuntu bari barasaritswe n'umwanda. Arabegera abashishikariza kugenda bakisukura bakazajya ku ishuri. Ba bana bose basetswa n'ibyo ababwiye banga kujya kwiga. Nyamara bakomeza kwibutswa ko kwiga ari bo bifitiye akamaro. Bahita biyemeza na bo kubahiriza inama abagiriye bajya kwiga.

**Subiza ibibazo ku gakuru**

1. Sobanura ukuntu kwiga bigufitiye akamaro?
2. Uzuza iyi nteruro ukurikije ibyo wasomye mu gakuru.

Rugemintwaza ababazwa .....

1

## Uburere bw'umwana muto

2

Baganintwari na Mukantwari bita ku burere bw'umwana wabo. Kwita ku burere bw'umwana muto bituma avamo intwari.

3

Umwana iyo amaze kururutswa  nyina aramunanura yarangiza akamwonsa.

4

Gusetswa n'umurezi bitera umwana gukura yishimye.

5

Umwana asusurutswa no kumuririmbira akishima. Nyamara na we akomeretswa ku mutima n'umuntu umubwira nabi.

6

Nusigarana n'umwana muto mu rugo, uzage umurinda kotswa n'umuriro no gukomeretswa n'ibikoresho byo mu rugo.

## 7 Itegereze amashusho akurikira uvuge uko byagenze mu nkuru umaze gusoma.

## 8 Subiza ibibazo ku nkuru

1. Kwita ku burere bw'umwana muto bimumarira iki?
2. Umwana iyo amaze kururutswa na nyina amukorera iki?
3. Gusetswa n'umurezi bimarira iki umwana?
4. Kuririmbira umwana bimugirira akahe kamaro?
5. Ni ibiki byiza watojwe n'abarezi kugira ngo ugire uburere bwiza?

**Uzuza iyi nteruro**

Umwana asusurutswa no _____.

## Ubukerarugendo

**1. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**



**2. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

ityazo

**3. Soma, tahura umubare w'igihekane ty kiri muri aya magambo n'interuro.**

1. tyaza 2. gutyo

Matyori atuye mu Matyazo.

**4. Itoze kwandika aya magambo n'interuro unoza mu mukono.**

1. batya 2. aratyaza

Sematyazo aratyaza icyuma.

**5. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

inkweto

**6. Soma, tahura umubare w'igihekane nkw kiri muri aya magambo n'interuro.**

1. inkwano 2. Rwinkwavu

Kankwanzi yoroye inkwavu nyinshi.

**7. Itoze kwandika aya magambo n'interuro unoza mu mukono.**

1. inkwi 2. inkware

Nkwiye gushaka inkwano hakiri kare.

**8. Tondeka imigemo ukore amagambo kandi uyandike mu mukono mu ikayi yawe.**

| | |
|---|---|
| no - i - nkwa | sha - Mu - ba - nkwa - ya |
| vu - Rwi - nkwa | zo - Ma - tya |
| ne - i - ne - nkwe | zo - tya - i |

**9. Uzurishamo ty, nkw, wandike mu mukono kandi usome amagambo ubonye.**

| | | |
|---|---|---|
| ___ibarize | i___azo | i___enene |
| Ka___anzi | i___akuzi | gu___aza |

**10. Hitamo amagambo wuzuze interuro maze uzandike mu mukono.**

aratyaza, inkwi, inkware, Kankwanzi

1. Papa _____ umuhoro ku ityazo rishaje.
2. Nyirinkwaya avuye gusura_____.
3. Murorunkwere arareba_____ mu ishyamba.
4. Matyori avuye gutashya_____

**9. Wifashishije amagambo akurikira, kora interuro uzandike mu mukono mu ikayi yawe.**

| | |
|---|---|
| nkwihorere | Matyazo |
| nkwakire | gutya |
| nkwimure | zinkwiriye |
| yatyaje | inkwenene |

**11. Tondeka amagambo ukore interuro maze uzandike mu mukono mu ikayi yawe.**

1. Senkware - umuhoro – aratyaza.
2. Nyiramatyori - inkwano - yakowe - zishimishije.
3. acuruza - inkweto - Murorunkwere.
4. Nkwakuzi - Ityazo - kwa - ryo - ryiza - ni.

**12.Shyira urutoki munsi ya buri jambo maze usome agakuru gakurikira.**

Senkware atuye mu Matyazo. Umunsi umwe, yagiye gusura Pariki y'Akagera. Ageze imbere gato asanga Nkwakuzi arimo atyaza isuka ngo age guhinga. Amubaza umuhanda ujya kuri iyo Pariki arawumwereka. Arakomeza aragenda aza guhura na Murorunkwere, amubaza umuhanda ujya kuri Pariki. Murorunkwere aramubwira ati: "Komeza ugende utyo umuhanda wose, urakugeza kuri Pariki y'Akagera. Urahingukira ku nzu y'abarinzi ba Pariki bakuyobore."

**Subiza ibibazo ku gakuru**

1. Gusura Pariki bimarira iki umuntu ndetse n'igihugu?
2. Uzuza iyi nteruro ukurikije ibyo wasomye mu gakuru.

Umunsi umwe, Senkware yagiye .....

## 1 Nkwakuzi yahembwe gutemberera muri Nyungwe

## 2

Ababyeyi ba Nkwakuzi bamusezeranyije ko azahembwa gutembera muri Pariki ya Nyungwe. Cyakora agomba kugira amanota meza ku ishuri.

3

Nkwakuzi arazinduka  akitegura akambara imyambaro ajyana ku ishuri. Iyo arangije yambara inkweto, maze akihuta akagera ku ishuri hakiri kare.

4

Nkwakuzi  azi gutyaza ubwenge. Asubiza neza mu ishuri ku buryo mwarimu we amushima ati: “Utyooo!”

5

Igihembwe cyarangiye Nkwakuzi ari we ufite amanota menshi mu ishuri. Ataha yiruka adakoza amaguru hasi anezerewe cyane.

6

Nkwakuzi ageze iwabo asanga nyina Kankwanzi avuye kwanika inkwi, naho se Senkware atyaza ishoka ku muharuro. Abasuhuzanya ibyishimo.

7

Bukeye Kankwanzi na Nkwakuzi  bajya gutembera. Nuko baca mu Matyazo berekeza mu ishyamba rya Nyungwe.

8

Bageze mu ishyamba, Nkwakuzi aratangara cyane. Ashimishwa no kubona inkware, ibiti byiza, abana batashya inkwi, ikiraro kirekire n'ibindi.

9

Nkwakuzi ataha anezerewe cyane kuko yari yabonye byinshi byiza ndetse abwira nyina ko azakomeza kuba uwa mbere.

**Subiza ibibazo ku nkuru**

1. Washimye iki ku munyeshuri uvugwa muri iyi nkuru?
2. Ese waba warigeze uba uwa mbere? Niba ari yego, wumvise umeze ute? Niba ari oya wabiharanira ute?
3. Ese wigeze ubona igihembo cy'uko wakoze neza? Byagenze bite?
4. Ni ahahe hantu heza wifuza kujya gusura? Kubera iki?

**Uzuza iyi nteruro**

Nkwakuzi na nyina bagiye_____.

Gutwara abantu n'ibintu

**1. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

**2. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

warupyisi

**3. Soma, tahura umubare w'igihekane py kiri muri aya magambo n'interuro.**

1. gupyipyinyura 2. Gapyisi

Abana baguye bahekanye mapyisi.

**4. Itoze kwandika aya magambo n'interuro unoza mu mukono.**

1. mapyisi 2. gupyatura

Karaba wipyipyinyure neza tuge gutembera.

**5. Tondeka imigemo ukore amagambo kandi uyandike mu mukono mu ikayi yawe.**

Ga - si - pyi.

gu - pya - ra - tu.

kwi - nyu - pyi - pyi - ra.

Wa - ru - si - pyi

**6. Uzurishamo py wandike mu mukono kandi usome amagambo ubonye.**

waru____isi

Ga____isi

gu____atura

ya___inagaye

**7. Hitamo amagambo wuzuze interuro maze uzandike mu mukono.**

twipyipyinyura, irapyinagara, gupyinagaza, Gapyisi

1. Iyo dukaraba _____dukoresheje amazi n'isabune.
2. Imodoka yagonze inzu_____.
3. Si byiza _____abana ubikoreza ibiremereye.
4. _____ yaraguye ivi rye rirapyoka.

**9. Wifashishije amagambo akurikira, kora interuro uzandike mu ikayi yawe.**

gupyipyinyura

warupyisi

Gapyisi

gupyatura

gupyinagara

mapyisi

**8. Tondeka amagambo ukore interuro maze uzandike mu mukono mu ikayi yawe.**

1. Nukaraba - wipyipyinyura - uge - neza.
2. Imodoka - Gapyisi - ya - irapyinagara - yagonze.
3. Umukino - guhekana - mapyisi - wo - abana - ushimisha.
4. umunyenga - mapyisi - bigira - Guhekana.
5. kwipyipyinyura - Ni - buri - ngombwa - munsi.

**9.Shyira urutoki munsi ya buri jambo maze usome agakuru gakurikira.**

Gapyisi atwara ibicuruzwa mu modoka ye abivana i Kigali abijyana i Kamembe. Azinduka kare yipyipyinyura kugira ngo adakererwa. Umunsi umwe yageze mu ishyamba rya Nyungwe ahahurira na Warupyisi yashonje. Warupyisi ibonye imodoka irimo abantu ishaka kuyegera. Gapyisi avuza amahoni menshi ariko warupyisi yanga kuva mu muhanda. Gapyisi afata inkoni yari yitwaje arayipyatura. Warupyisi iriruka ngo pyooo! Nuko Warupyisi iva mu nzira Gapyisi abona ubugenda. Kugonga warupyisi byari kuba ari ukwangiza ibidukikije kandi n'imodoka ye yari kuhapyinagarira.

**Subiza ibibazo ku gakuru**

1. Kuki Gapyisi yirinze kugonga Warupyisi?
2. Uzuza iyi nteruro ukurikije ibyo wasomye mu gakuru.

Gapyisi atwara.....

## 1 Isiganwa ry'amamodoka




## 2

Ku wa Gatandatu w'icyumweru gishize habaye isiganwa ry'amamodoka. Uwo munsi twese twazindutse kare twipyipyinyura, maze tujya ku muhanda.

3



Mu gihe twari dutegereje isiganwa, abana bamwe batangiye kurambirwa, bajya mu kibuga kwikinira. Bamwe bahekanaga mapyisi, abandi bagasimbuka.

4




Bidatinze tugiye kumva twumva imodoka ya mbere inyuzeho nk'umurabyo ngo pyooo! Abantu bose batangira kwiyamirira.

5




Natwe duhita tureka ibyo guhekana mapyisi dusubira ku muhanda. Imodoka zisiganwa ziba zihuta cyane. Zatunyuragaho ngo pyooo! Pyooo! Pyooo!

6




Iyaje nyuma ni yo yagendaga gahoro. Yari yagonze umukingo yapyinagaye, ariko ntiyavuye mu masiganwa.

7



Abaje kurinda umutekano basunikaga abantu babyiganaga bakababakanga ko bagiye kubapyatura.

8

Nuko batangira guhemba abarushije abandi. Gapyisi ni we wari wabaye uwa mbere.

9

Nuko Gapyisi ahembwa imodoka y'amasiganwa. Twese abari aho dutangira kogeza no gukoma mu mashyi tuti : "Ga, Ga, Gapyisi! Ga, Ga, Gapyisi!"

**Subiza ibibazo ku nkuru**

1. Abana biteguye bate kureba isiganwa ry'amamodoka?
2. Ese aho wiga hajya haba amarushanwa?
3. Hari andi masiganwa uzi usibye ay'imodoka? Yavuge?
4. Ni iyihe nyigisho ukuye muri iyi nkuru?

**Uzuza iyi nteruro**

Ku wa gatandatu habaye_____.

Indwara ziterwa n'imirire mibi

## Ibihekane njw/njw, dw/dw

**1. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

**2. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

injwiri

**3. Soma, tahura umubare w'igihekane njw kiri muri aya magambo n'interuro.**

1. Nyanjwenge 2. gukanjwa

Senjwiri yaretse kwanjwa asabiriza.

**4. Itoze kwandika aya magambo n'interuro unoza mu mukono.**

1. kwanjwa 2. amanjwe

Ibisheke bikanjwa n'imashini bikavamo isukari.

**5. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

kudwingwa

**6. Soma, tahura umubare w'igihekane dw kiri muri aya magambo n'interuro.**

1. madwedwe 2. kudagadwa

Inzuki zamudwingiye mu murima.

**7. Itoze kwandika aya magambo n'interuro unoza mu mukono.**

1. kudodwa 2. zamudwinze

Yagiye guca ibibabi bya madwedwe.

**8. Tondeka imigemo ukore amagambo kandi uyandike mu mukono mu ikayi yawe.**

ya - nze - dwa- nga - dwa da - dwa - ku - ga

njwa - gu - nja - ka - ka njwi - i - ri

**9. Uzurishamo njw, dw, wandike mu mukono kandi usome amagambo ubonye.**

| | | |
|---|---|---|
| kudo____a | kudaga____a | kwa____a |
| ama____e | i____iri | guku___a |

**10. Hitamo amagambo wuzuze interuro maze uzandike mu mukono.**

idodwa byakanjakanjwe amanjwe injwiri

1. Imyenda yange _____na Senjwiri.
2. Ibyatsi _____na ya ngweba.
3. _____ ni umusatsi ukomeye.
4. Si byiza kuvuga _____.

**11. Wifashishije amagambo akurikira, kora interuro uzandike mu ikayi yawe.**

| | |
|---|---|
| gukanjwa | kudodwa |
| kudwingwa | kudagadwa |
| amanjwe | kwanjwa |

**12. Tondeka amagambo ukore interuro maze uzandike mu mukono mu ikayi yawe.**

1. rwakanjwe – Urutoki– rwe– na – mashini – ya.
2. arabyina – ngo – Aranjwa.
3. Senjwiri – ruswa – arashinjwa.
4. Yavuze – mu – bantu – baramuseka - amanjwe.

**13.Shyira urutoki munsi ya buri jambo maze usome agakuru gakurikira.**

Imirire mibi itera umwana kuzingama. Usanga umusatsi we warabaye injwiri. Ahora adagadwa kubera ko aba afite imbeho mu mubiri. Kumuhata imiti biba ari ukwanjwa. Amatama ye arabyimba ukagira ngo inzuki zamudwinze. Ababyeyi bafite abana bagaragaraho imirire mibi, bashinjwa kutabitaho uko bikwiye. Bene abo bana bagomba kwigishwa ko ibiryo bigomba gukanjakanjwa neza. Ni ngombwa kandi kubuza abana kudwangadwanga ibiziba kuko babyanduriramo inzoka.

**Subiza ibibazo ku gakuru**

1. Tanga urugero rw'indyo yuzuye iboneka aho mutuye?
2. Uzuza iyi nteruro ukurikije ibyo wasomye mu gakuru.

Umwana utarya neza, .....

1

## Nyanjwenge yararwaye

2

Nyanjwenge akunda kurya adakarabye. Akunda kurya ibiribwa bidasukuye. Nyanjwenge yanyoye amazi inkoko zadwangadwanze.

3

Nyanjwenge yikundira kurya ibintu biryohera gusa. Ashimishwa no kurya ibisuguti gusa.

4

Nyanjwenge agira ingeso yo gutoranya ibiryo. Iyo nyina amugaburiye, Nyanjwenge yigizayo imboga.

5

Umunsi umwe, Nyanjwenge yananiwe kujya ku ishuri.
Yaradagadwaga mu buriri kubera uburwayi.

6

Ababyeyi be bamujyana kwa muganga. Muganga aramusuzuma  asanga arwaye inzoka. Muganga amubuza kunywa amazi adwangadwanze.

7



Muganga amugira inama yo kujya arya indyo yuzuye kandi isukuye. Nyina ati: “Hehe no kwanjwa urya nabi!”

8

Nyanjwenge areka kurya ibiryo by’amanjwe. Nyanjwenge yisubiraho, agira ubuzima bwiza.

9

Kurya nabi bitera indwara.
Bana twese, nimuze twirinde ingaruka z'imirire mibi.

**Subiza ibibazo ku nkuru**

1. Ni iki cyateye Nyanjwenge uburwayi?
2. Ni iyihe nama wagira umuntu urwaye kubera imirire mibi?
3. Ni iki cyafashije Nyanjwenge kongera kugira ubuzima bwiza?
4. Ni izihe ndwara uzi ziterwa n'imirire mibi?
5. Ni irihe somo ukuye muri iyi nkuru ya Senjwiri?

**Uzuza iyi nteruro**

Kurya nabi bitera _____.

Guhashya no gukumira ibiyobyabwenge

**1. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

**2. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

akanyamasyo

**3. Soma, tahura umubare w'igihekane sy kiri muri aya magambo n'interuro.**

1. urusyo  2. gusyonyora

Yagiye kureba umupira baramusyonyora.

**4. Itoze kwandika aya magambo n'interuro unoza mu mukono.**

1. gusya 2. Busyete

Nyirabusyetse afite icyuma gisya.

**5. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

igifwera

**6. Soma, tahura umubare w'igihekane fw kiri muri aya magambo n'interuro.**

1. igifwana 2. igufwa

Imbwa ya Matayo iraguguna amagufwa.

**7. Itoze kwandika aya magambo n'interuro unoza mu mukono.**

1. amagufwa

Ikifwera likunda kuba ku makoma.

**8. Tondeka imigemo ukore amagambo kandi uyandike mu mukono mu ikayi yawe.**

| | |
|---|---|
| fwa - i - gu | i - ra - gi - fwe |
| gu - ra - syo - nyo | syo - ka - a - nya |
| u - syo - ru | na - i - fwa - gi |

**9. Uzurishamo sy, fw, wandike mu mukono kandi usome amagambo ubonye.**

| | | |
|---|---|---|
| gu___onyora | Bu___ete | igu___a |
| igi___era | gu___igingira | umu___i |

**10. Hitamo amagambo wuzuze interuro maze uzandike mu mukono.**

Akanyamasyo asye Gafwero amagufwa

1. Imbwa ziraguguna _____.
2. Busyete yagiye gusura_____.
3. _____kagenda gahoro cyane.
4. Ubwire Murekatete_____ariya masaka.

**11. Wifashishije amagambo akurikira, kora interuro uzandike mu mukono mu ikayi yawe.**

| | |
|---|---|
| Busyete | igufwa |
| igifwera | urusyo |
| yarasyigingiye | umusyi |

**12. Tondeka amagambo ukore interuro maze uzandike mu mukono mu ikayi yawe.**

1.Gafwero - ingofero - yambaye - ayihengetse.

2. amasaka - dufite - gisya - icyuma - Dufite.

3. isyataburenge - Ihute - ntakurya.

4. igifwera - iryo - Kuri - hariho - koma.

5. gusya - ku - amasaka - Nzi - rusyo.

**13.Shyira urutoki munsi ya buri jambo maze usome agakuru gakurikira.**

Gafwero yarananiranye kubera ibiyobyabwenge. Asiga umugore ari gusya akavuga ko agiye kugura inyama, amafaranga yose akayanywera agatahana amagufwa gusa. Iyo umugore agize icyo amubaza, aramwihorera. Abana be barasyigingiye nta kabiri bagira. Barwaye igifwana kubera umwanda. Barananutse ku buryo wabara amagufwa yabo. Noneho n'urusyo aherutse kurugurisha kugira ngo yigurire ibiyobyabwenge. Mu nzira ari gutaha imodoka yamusyonyoye ikirenge kubera kugenda adandabirana mu muhanda. Avuye mu bitaro, bamugira inama areka ibiyobyabwenge.

**Subiza ibibazo ku gakuru**

1. Ni izihe ngaruka uzi ku bana bafite ababyeyi banywa ibiyobyabwenge?
2. Uzuza iyi nteruro ukurikije ibyo wasomye mu gakuru.

Bana, mwirinde kunywa .....

1

## Have sigaho

2

Busyete yigaga mu mwaka wa kabiri. Yaratsindaga cyane. Abandi bana bazaga kumusobanuza.

3

Gafwero na Nyiramusyi banywaga ibiyobyabwenge. Umunsi umwe, baza kumushaka baramushuka.

4

Gafwero na Nyiramusyi bajyana Busyete mu rufunzo aho bihishaga banywa itabi. Nuko bamuha itabi aratumagura.

5

Kuva ubwo Busyete ava mu ishuri akajya yirirwa anywa itabi. Abamubonaga bose baramubwiraga bati: “Have sigaho,” ariko ntabumve.

6

Busyete ata ubwenge, ntiyongera gutekereza neza. Arazongwa, amagufwa ye atangira kumungwa, amerererwa nabi.

7

Bimaze kumuyobera, Busyete  agaruka mu rugo.
Nuko asaba imbabazi ababyeyi be.

8

Busyeti asubira mu ishuri.
Mu nzira agenda yibwira ati: “Sinzongera kunywa ibiyobyabwenge.”

9

Kuva ubwo, Busyete yisubiraho cyane. Yiyemeza kugira inama abana bose banywa ibiyobyabwenge.

**Subiza ibibazo ku nkuru**

1. Ni gute Busyete yahindutse umunywi w'ibiyobyabwenge?
2. Busyete amaze kuba umunywi w'ibiyobyabwenge byamugendekeye bite?
3. Ni izihe ngaruka zo kunywa ibiyobyabwenge?
4. Uhereye ku byabaye kuri Busyete wakora iki mu gihe ubonye hari abana banywa ibiyobyabwenge?

**Uzuza iyi nteruro**

Busyete yiyemeje_____.

## Imikino n'imyidagaduro

**1. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**



**2. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

indyankwi

**3. Soma, tahura umubare w'igihekane ndy kiri muri aya magambo n'interuro.**

1. indyo  2. indyabyatsi

Atwaye indyankwi ku rutugu.

**4. Itoze kwandika aya magambo n'interuro unoza mu mukono.**

1. indyarya 2. ndyumeho

Kurya indyo yuzuye birinda indwara.

**5. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

icwende

**6. Soma, tahura umubare w'igihekane cw kiri muri aya magambo n'interuro.**

1. gucweza 2. imicwira

Ntuzibe, ni icyaha wo gacwa we!

**7. Itoze kwandika aya magambo n'interuro unoza mu mukono.**

1. gucwekera 2. abacwezi

Nyogokuru abika amavuta mu icwende.

**8. Tondeka imigemo ukore amagambo kandi uyandike mu mukono mu ikayi yawe.**

ra - mi - cwi - i

nde - i - cwe

yi - sha - i - ndyo - ra - bi - he

nkwi - ndya - i

gu - za - cwe

rya - i - ndya

**9. Uzurishamo ndy, cw, wandike mu mukono kandi usome amagambo ubonye.**

imi _____ira

nyagu ___a

hara_____a

i_____ankurye

**10. Hitamo amagambo wuzuze interuro maze uzandike mu mukono.**

wacwekereye, indyankwi, indyo, yicwa

1. Umuriro _____ kuko utongereye inkwi mu ziko.
2. Semacwa arasenya inkwi yifashishije_____.
3. Si byiza ko umwana _____n'inzara.
4. Abana bakwiye kurya_____yuzuye.

**11. Wifashishije amagambo akurikira, kora interuro uzandike mu mukono mu ikayi yawe.**

gucweza

indyarya

indyabiti

imicwira

icwende

indyoshyandyo

**12. Tondeka amagambo ukore interuro maze uzandike mu mukono mu ikayi yawe.**

1. idatyaye- Indyankwi- ibiti-ntitema.
2. Ibi - biryo - indyoshyandyo - birimo
3. akaboko - Yandyamiye - navunitse- none.
4. rya - nyogokuru - Icwende - ryaramenetse.
5. udacwekera - uwo - Urebe - muriro.

**13. Shyira urutoki munsi ya buri jambo maze usome agakuru gakurikira.**

Abana dukeneye indyo yuzuye ariko tugomba gukina no kwidagadura. Abatabizi bicwa no kutabimenya ariko ngewe ubu ndabizi. Nta muntu nzemera ko andyamira ambuza gukina. Sinacweza hagize umbuza uburenganzira bwo gukina no kwidagadura. N'uwashaka kundyarya sinamwemerera. Gukina birinda abana kwibasirwa n'amacwa. Abana twese, muze dukine, kandi tunezererwe.

**Subiza ibibazo ku gakuru**

1. Uburenganzira bwawe nk'umwana wumvise mu nkuru ni ubuhe? Wabuharanira ute?
2. Uzuza iyi nteruro ukurikije ibyo wasomye mu gakuru.

Abana bakwiye .....

1

## Dukunda gukina

2

Ku ishuri, dufite ikibuga kiza cyo gukiniraho.
Abarezi bacu badufasha gukina no kwidagadura.

3

Tuzi kwikorera ibikoresho by'imikino itandukanye mu bikenyeri, mu bipapuro n'ibitambaro. Tuzi kubanga imipira mu birere n'imigozi.

4



Dukunda gukina umukino w'agati.
Ni umukino usaba kwiruka ku muvuduko mwinshi.

5



Dukina umukino witwa mabigibigi.
Tuwukina dusimbuka  turirimba, tubara, dukoma amashyi. Tubusanya akaguru k'indyo n'ak'ibumoso.

6

Dukina umukino w'injangwe n'imbeba. Turabanza tugacweza tukumva amabwiriza.
Ababaye injangwe biruka bafata ababaye imbeba.

7

Dukina umukino w'agatambaro, twicaye ku ruziga. Turaririmba tuti: "Agatambaro k'umwana kari he? Ngako karahise."

8

Dukina umukino w'urunana. Tujya ku ruziga maze tukaririmba tuti: "Urunana rw'abana batoya, umuceri mu gacaca."

**9** **Itegereze amashusho akurikira uvuge umukino bari gukina uhereye ku nkuru umaze gusoma.**



**Subiza ibibazo ku nkuru**

1. Ni ibihe bikoresho by'imikino muzi gukora?
2. Ni iyihe mikino mukunda gukina?
3. Umukino wa mabigibigi ukinwa ute?
4. Ni iki wakunze muri aka gakuru? Kubera iki?

**Uzuza iyi nteruro**

**Imikino nzi gukina ni_____.**

# Ibihekane nshy/nshy, nty/nty

Kwirinda indwara no kwivuza

**1. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

**2. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

inshyimbo

**3. Soma, tahura umubare w'igihekane nshy kiri muri aya magambo n'interuro.**

1. inshyomotsi 2. unshyuhirize

Nshyirira iyo nshyushyu mu cyansi.

**4. Itoze kwandika aya magambo n'interuro unoza mu mukono.**

1. nshyashyane 2. nshyire

Nshyuhiriza amazi nkarabye umwana.

**5. Itegereze ishusho ikurikira uvuge icyo ubona.**

intyabire

**6. Soma, tahura umubare w'igihekane nty kiri muri aya magambo n'interuro.**

1. ntyariza 2. intyoza

Sentama yagiye guhaha i Ntyazo.

**7. Itoze kwandika aya magambo n'interuro unoza mu mukono.**

1. Sentyoza 2. ntyo

Murebe, ntyaza isuka ntya.

**8. Tondeka imigemo ukore amagambo kandi uyandike mu mukono mu ikayi yawe.**

| | |
|---|---|
| zo - Ntya | bi - i - re - ntya |
| shyu - i - nshyu | i - mbo - nshyi |
| za - ntyo - i | tsi - nu - nshya - i |

**9. Uzurishamo nshy, nty, wandike mu mukono kandi usome amagambo ubonye.**

| | | |
|---|---|---|
| ya____ogoje | i____abire | i____shyu |
| i____anutsi | i____imbo | i____oza |

**10. Hitamo amagambo wuzuze interuro maze uzandike mu mukono.**

intyabire, ntya, Yanshyuhirije, Yanshyashyarije

1. _____amazi yo gukaraba.
2. Ndamutse nanditse_____mwarimu ntiyabasha kubisoma.
3. _____barankubita.
4. Sematyori bamutumye imegeri azana _____.

**11. Tondeka amagambo ukore interuro maze uzandike mu mukono mu ikayi yawe.**

1. Impamyabushobozi –Yanshyikirije - ndishima.
2. ndamwihorera –Yanshyogoje.
3. guhaha –Tuvuye – i - Ntyazo.
4. ntya - Nkaraba - kwiga - yo - mbere - kujya.
5. iyo - nyinywe - Nshyuhiriza - nshyushyu.

**12. Shyira urutoki munsi ya buri jambo maze usome agakuru gakurikira.**

Nitwa Sentyoza. Nabyirutse ndi intyoza mu kuvuga. Nkangurira abandi kwirinda indwara. Nshyira imbere kwiga no kwifata neza. Iyo narwaye nivuza vuba nkarengera ubuzima. Ntyaza ubwenge uko bukeye, nkaba urugero rwiza mu bandi.

**Subiza ibibazo ku gakuru**

1. Iyo urwaye ukora iki?
2. Uzuza iyi nteruro ukurikije ibyo wasomye mu gakuru.

Sentyoza ni intyoza kuko.....

**13. Shyira urutoki munsi ya buri jambo maze usome agakuru gakurikira.**

Ndi gato, mfite utuguru duto. Nigendera gahorogahoro ariko nkagera aho nifuza. Naragowe kuko mpora mpetse ikibuye ku mugongo wange. Fora ndi nde?

1

## Tuzi kwirinda indwara



2

Turi intyoza. Iyo tuvuye ku musarani, dukaraba neza intoki. Abarya badakarabye intoki bandura indwara nyinshi.

3

Kunywa ibinyobwa bisukuye bidufasha kwirinda indwara. Tunywa amazi, inshyushyu n'imitobe isukuye.

4

Kurya indyo yuzuye na byo ni ingenzi.
Turya ibiribwa birimo imboga n'intyabire kandi tukarya imbuto.

5

Buri gihe ku mugoroba, dufunga amadirishya n'inzugi. Ibyo bibuza imibu kwinjira mu nzu.

6

Tumanura neza inzitiramibu, tukayizengurutsa uburiri. Ibyo bituma dusinzira neza, tukaruhuka uko bikwiye.

7

Kurara mu nzitiramibu iteye umuti biturinda kurumwa n'umubu utera marariya. Abantu batarara mu nzitiramibu bashobora kurumwa n'imibu itera marariya.

8

Gukina no kwidagadura bituma tugira ubuzima bwiza. Dukeneye guhora dukora imyitozo ngororamubiri.

9



Iyo turwaye, twihutira kujya kwa muganga. Tunywa neza imiti muganga aduhaye kandi tugakurikiza amabwiriza aduha.

**Subiza ibibazo ku nkuru**

1. Iyo umuntu avuye ku musarane aba agomba gukora iki?
2. Wowe wirinda indwara ute?
3. Ese ni ngombwa kurara mu nzitiramibu? Kubera iki?
4. Iyo urwaye ugomba gukora iki?

**Uzuza iyi nteruro**

Kurara mu nzitiramibu biturinda _____.

# Isuzuma rusange

**Umwitozo wa 1:** Shyira urutoki munsi ya buri jambo uko usoma amagambo n'interuro bikurikira.

| | | |
|---|---|---|
| inganda | ibyombo | umwana |
| icwende | ihwa | umubyeyi |
| icyandikwa | Umugwaneza | amajyaruguru |
| ubwenge | Madwedwe | imyate |
| igufwa | igishushanyo | amatwi |
| ikamyo | umwotso | umunwa |
| gucapwa | umuswa | gishyushye |
| birazwi | igifwera | urwina |
| ibiryo | ityazo | ipfa |

**Umwitozo wa 2:** Tondeka imigemo ukore amagambo kandi uyandike mu mukono mu ikayi yawe.

ra - pyi - gu - nyu - pyi
te - sye - Bu
tsa - Ga - ta
ba - i - ngwe
i - ro - shwa - mi
mfa-gi-i-nyi-sha-sho
i - ra - ndwa
ndwa - i - nyi
gu - ra - ku - shwe
Ku - ga - nnye
i - shi - nji
shyo - a - ma
we - nge
nda - ga - i - ro - nga - ci
nwa - Nsa - nza - ba - ga
mbwa - i
i - ko - zo - nso
re - mpo
i - ngu - zo - mfu
vwa - ho - gu
vye - ho - za

# Isuzuma rusange

**Umwitozo wa 3: Shyira urutoki munsi ya buri jambo uko usoma izi nteruro.**

1. Ingagi zikunda kwirira imigano yo mu birunga.
2. Mbonyinshuti afite ijwi rishimishije cyane.
3. Kwizera yahinze indabo mu mucyamo.
4. Ikibwana cyakandagiye ihwa.
5. Umutunzi Mwemezi atuye mu majyaruguru.
6. Ikamyo ya Twahirwa yikoreye umusenyi bacukuye mu mubande.
7. Inzuki zahovye mu ndabo.
8. Gapyisi yapyinagaje imodoka ye.
9. Injangwe yabonye amata igira ipfa.

**Umwitozo wa 4:Tondeka amagambo ukore interuro maze uzandike mu mukono mu ikayi yawe.**

1. icyuma - Rwambonera - ityazo - ku - aratyaza - rinini.
2. Gatsata - atuye - Nyirabusyete - mu.
3. kurya - Birazwi - udukwavu - ko - ibyatsi - dukunda.
4. injangwe - Nsekoyabeza - enye - atunze.
5. byatsi - Inshira - zikunze - mu - birebire - kwihisha.
6. manini - Inkoko - aryoshye - Kajwiga - zitera - za - amagi - kandi.
7. inyamaswa - ni - uduhembe - Impara - duto - tureture - zifite.
8. ntabwo - ni - Njyamubiri - ibinyoma - umunyakuri, avuga.

**Umwitozo wa 5: Andika mu ikayi yawe ibyo wibuka ku nkuru wakunze muri uyu mwaka kurusha izindi, hanyuma ushushanye igishushanyo kijyanye n'ibyo wanditse.**

# Kina na Hirwa!  Fora ndi nde!

1. Ndi gato, mfite amaguru ane n'umurizo. Ninkura nzitwa imbwa. Fora ndi nde?
2. Mfite amaguru abiri, mfite amababa, ndaguruka nk'indege. Fora ndi nde?
3. Ndi inzu y'inyoni, mba mu biti, nterwamo amagi. Fora ndi nde?
4. Ndi ikinyabiziga kinini, nikorera imitwaro. Fora ndi nde?
5. Turi babiri, dutuye ku mutwe utadufite ntiwakumva. Fora turi ba nde?
6. Meze nk'umusatsi, ntura ku matama, ku munwa no ku kananwa k'abagabo. Fora ndi nde?
7. Ndi ibuye rinini, munyifashisha kugira ngo ibyuma byanyu bibashe gukata. Fora ndi nde?
8. Ndi akabaho. Mfite imikwege, nzirana n'imbeba. Fora ndi nde?

9. Turi duto, ariko turi benshi kandi dushyira hamwe.

   Twubaka amazu ameze nk'imisozi mu gitaka tukaba ari mwo twibera. Fora turi ba nde?

10. Ndi gato, mfite utuguru duto. Nigendera gahoro gahoro ariko nkagera aho nifuza. Naragowe kuko mpora mpetse ikibuye ku mugongo wanjye. Fora ndi nde?

11. Ndi inyoni, ngenda hose: ku butaka ndagenda, mu kirere ndaguruka, mu mazi ndoga. Fora ndi nde?

12. Mba mu ishyamba. Ngira amaguru maremare n'ijosi risumba ishyamba, nkarisha mu mashami y'ibiti birebire.

    Fora ndi nde?

13. Ndi agatambaro kagomba kugirirwa isuku. Nitabazwa n'uwakomeretse nkarinda igisebe cye umwanda na za mikorobi.

14. Nsa n'umweru, mba ku mutwe w'abantu bashaje.

    Fora ndi nde?

15. Nsa n'umweru, mwarimu anyandikisha ku kibaho mu ishuri. Fora ndi nde?

16. Turi udukoko. Tuba mu byima. Dukora ubuki. Fora turi ba nde?

17. Ndi inyamaswa. Ngenda nkurura inda, nshobora kuvugiriza. Ndarumana. Fora ndi nde?

1. akabwana
2. inyoni
3. icyari
4. ikamyo
5. amatwi
6. ubwanwa
7. ityazo
8. rwagakoco
9. inshishi
10. akanyamasyo
11. igishuhe
12. twiga
13 igipfuko
14. imvi
15. ingwa
16. inzuki
17. inzoka